


REPUBLIKA Y'U RWANDA



UMWANA WANJYE ISHEMA RYANJYE



**IMFASHANYIGISHO Y'UHUGURA ABAREZI MU RUGO
MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO RUKORERA MU MURYANGO**



“UMWANA WANJYE, ISHEMA RYANJYE”

**IMFASHANYIGISHO Y’UHUGURA ABAREZI MU RUGO MBONEZAMIKURIRE
Y’ABANA BATO RUKORERA MU MURYANGO**

© 2025 Imbuto Foundation, NCDA, REB & LODA

Biremewe gukoresha iyi mfashanyigisho mu nyungu za Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato, hatagamijwe ubucuruzi. Ni ngombwa kugaragaza nyirayo igihe cyose yifashishijwe. Uwifuzaga gutubura iyi mfashanyigisho asaba uruhushya NCDA, akamenyesha Imbuto Foundation.

IJAMBO RY'IBANZE

Barezi, Babyeyi,

Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato ni serivisi zikomatanijye zihabwa abana kuva bagisamwa kugeza bagize imyaka 6 ndetse n'ababarera. Abanyarwanda tubyumva vuba kuko mu mibereho yacu, kwita ku bana si bishya! Mu muco wacu umugore utwite yarubahwaga cyane kandi akarindwa icyamuhungabanya icyo ari cyo cyose mu rwego rwo kurinda ubuzima bwe n'ubw'umwana atwite.

Impamvu nyamukuru yo kwita kuri iki cyiciro ni uko ari ho ubwonko bw'umwana bukura kandi ku rwego rwihuse. Ubushakashatsi bwagaragaje ko ku myaka 3 ya mbere y'ubuzima, imikurire y'ubwonko iba igezweho ku kigero cya 80%. Ni igihe cyo kwitondera kuko icyo umwana atitaweho muri icyo myaka bigora kuba wabigarura. Nyamara icyo yitaweho neza aba abonye ireme fatizo ry'ubuzima bwe bwose. Agira ubwenge bwagutse, yigirira icyizere, akarangwa n'imyitwarire myiza.

Mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato, abana bafashwa kuvumbura impano zabo bakiri bato, kugira isuku no kwita ku bintu n'abantu bibakikije, batozwa gukina no gusabana n'abandi bana binyuze mu mikino yabugenewe ituma ubwonko bukanguka. Bategurwa kandi kwinjira mu cyiciro cy'amashuri abanza aho biga kuvugira mu ruhame, gusoma kwandika n'ibindi.

Turasaba ababyeyi muri rusange gutanga umusanzu wabo muri Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato uko bashoboye bibuka neza ko *"Ak'imuhana kaza imvura ihise"*.

Turashimira abayobozi mu nzego zose, ubufatanye bagaragaza mu bikorwa bitandukanye bya Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato hagamijwe guhindura imibereho myiza y'Abanyarwanda, tunabasaba ko bakomeza kubigira ibyabo. Turusheho kwita ku bana bacu tubaha uburere bwiza buzabafasha kugira imibereho myiza mu gihe kiri imbere ari na byo bizadufasha gukomeza kubaka u Rwanda twifuza.

SHAMI Elodie



Umuyobozi Mukuru wa Imbuto Foundation

GUSHIMIRA

Iyi mfashanyigisho yateguriwe abahugura ababyeyi/abarezi b'abana bato ndetse n'abandi bafatanyabikorwa mu rwego rwo kunoza Serivisi Mbenezamukurire y'Abana Bato binyuze mu Rugo Mbenezamukurire rukorera mu rugo.

Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato ni uruhurirane rwa serivisi zikomatanijye zihabwa umwana n'umubyeyi, kuva umwana agisamwaga kugeza yujuje imyaka itandatu, hagamijwe imukurire myiza ye, mu bwenge, mu gihagarago, imikorere myiza y'umubiri, mu mbamutima no mu mibanire n'abandi.

Imfashanyigisho zifite ireme ni umusingi w'ingenzi mu ishyingirwa mu bikorwa rya Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato. Ni muri urwo rwego hateguwe iyi mfashanyigisho ngo yifashishwe mu kongerera ubumenyi n'ubushobozi abarezi, hibandwa ku babyeyi bafasha mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu rugo, nubwo ishobora no kwifashishwa n'abarezi bo mu zindi Ngo Mbenezamukurire y'Abana Bato.

Guverinoma y'u Rwanda, mu cyerekezo 2050 ifite intego yo kubaka ubushobozi bw'umuturage binyuze mu guteza imbere ubumenyi no kugira ubuzima bwiza nk'umusingi w'iterambere rirambye.

Ni muri urwo rwego, Ikigo k'Igihugu gishinzwe Imukurire no Kurengera Umwana (NCDA) gishimishijwe no gushyira ahagaragara iyi mfashanyigisho yateguwe kugira ngo yunganire ababyeyi/abarezi mu ngo mbenezamukurire y'abana bato zikorera mu ngo.

Turashimira abafatanyabikorwa batandukanye by'umwihariko, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Ibikorwa by'iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA), Imbutu Foundation, Banki y'Isi, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) ku ruhare rwabo rukomeye mu gutegura iyi mfashanyigisho.

Turashimira kandi inzego z'ibanze, abarezi, ababyeyi muri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato, bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo mu gihe cy'ubushakashatsi bwadufashije kumenya iby'ingenzi bikenewe iyi mfashanyigisho yashingiyeho.

Tuboneyeho kandi no gushimira abafatanyabikorwa batandukanye bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo byatumye iyi mfashanyigisho inozwa kurushaho.

Turasaba abo igenewe kuyikoresha neza hagamijwe kuyibyaza umusaruro witezwe.



INGABIRE Assumpta
Umuyobozi Mukuru

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imukurire no Kurengera Umwana- NCDA

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE	iii
GUSHIMIRA	v
IBISOBANURO BY'AMAGAMBO Y'INGENZI.....	vii
INTANGIRIRO.....	1
IGICE CYA MBERE: IMITANGIRE YA SERIVISI Z'UBUZIMA, IMIRIRE, ISUKU, KURINDA NO KURENGERA UMWANA, UBURERE BUBONEYE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO.....	3
IKIGANIRO CYA MBERE: IMBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO N'AKAMARO KAYO.....	4
IKIGANIRO CYA KABIRI: IBYICIRO N'INZEGO Z'IMIKURIRE Y'UMWANA MUTO	6
IKIGANIRO CYA GATATU: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI MU KWITA KU BUZIMA BW'ABANA BATO	10
IKIGANIRO CYA KANE: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI W'ABANA BATO MU KWITA KU MIRIRE Y'ABANA.....	13
IKIGANIRO CYA GATANU: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI W'ABANA BATO MU GUTANGA SERIVISI Z'ISUKU N'ISUKURA	16
IKIGANIRO CYA GATANDATU: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI MU GUTANGA SERIVISI ZO KURINDA NO KURENGERA UMWANA	19
IKIGANIRO CYA KARINDWI: GUTEGURA NO KUYOBORA IBIGANIRO BIGENEWE ABABYEYI	22
IKIGANIRO CYA MUNANI: AMATSINDA Y'ABABYEYI MU BIKORWA BIGAMIJE GUKOMEZA	
IMITANGIRE YA SERIVISI MU BURYO BURAMBYE	25
IKIGANIRO CYA CYENDA: INSHINGANO Z'UMUREZI W'ABANA BATO.....	29
IGICE CYA KABIRI: KUYOBORA IBIKORWA BYO GUKANGURA UBWONKO BW'UMWANA	31
IKIGANIRO CYA MBERE: IMITERERE Y'INYOBORABAREZI MU RUGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO	32
IKIGANIRO CYA KABIRI: INGENGABIHE Y'UMUNSI MU RUGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO RUKORERA MU MURYANGO.....	34
IKIGANIRO CYA GATATU: IMICUNGIRE IDAHEZA Y'ICYUMBA CY'ABANA MU RUGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO RUKORERA MU MURYANGO	36
IKIGANIRO CYA KANE: KUYOBORA ABANA MU BIKORWA BY'UBUMENYI BW' IBIDUKIKIJE.....	38
IKIGANIRO CYA GATANU: KUYOBORA ABANA MU BIKORWA BITEZA IMBERE IMIBARE	42
IKIGANIRO CYA GATANDATU: KUYOBORA ABANA MU BIKORWA BITEZA IMBERE URURIMI.....	47
IKIGANIRO CYA KARINDWI: KUYOBORA ABANA MU BIKORWA BIBATOZA KWITA KU BUZIMA/IBONEZABUZIMA	52
IKIGANIRO CYA MUNANI: KUYOBORA ABANA MU BIKORWA BITEZA IMBERE UBUMENYI N'UBUSHOBOZI MU BUGENI N'UMUCO.....	56
IBITABO BYIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO	60
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO	63

IMPINE ZAKORESHEJWE

ADEPE	: Association pour le Development du Peuple
ECD	: Early Childhood Development. (Imbonezamikurire y'Abana Bato)
FXB-Sugira Muryango	: François Xavier Bagnoud-Sugira Muryango
IEE	: Inspire Educate Empower.
IZU	: Inshuti z' Umuryango
LODA	: Local Administrative Entities Development Agency. (Ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'inzego z'ibanze)
MIGEPROF	: Ministry of Gender and Family Promotion (Minisiteri y'uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango)
NCDA	: National Child Development Agency (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana
NESA	: National Examination and School Inspection Authority (Ikigo cy'Igihugu cy'Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri)
RBC	: Rwanda Biomedical Center (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima)
REB	: Rwanda Basic Education Board. (Urwego rw' Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze)
RWAMREC	: Rwanda Men's Resources Center.
VUP	: Vision 2020 Umurenge Program

IBISOBANURO BY'AMAGAMBO Y'INGENZI

Umurezi w'abana Bato: Ni umuntu wese wita ku mwana, yaba ari uwo yabyaye cyangwa se abikora nk'akazi mu muryango n'ahandi hatari mu muryango nko mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato cyangwa ishuri ry'incuke.

Umwana: Mu mategeko y'u Rwanda, umwana ni umuntu wese kuva agisamwa ariko utaruzuzwa imyaka 18 y'amavuko.

Umwana muto: Ni umuntu wese kuva agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu.

Umubyeyi: Umugabo cyangwa umugore urera umwana yabyaye cyangwa yakiriye mu muryango binyuze mu mategeko y'igihugu.

Urugo Mbenezamikirire y'Abana Sato: Ni urugo rusanze rutwemo cyangwa ikigo cyabugenewe abana bato baboneramo serivisi Mbenezamikirire, n'imiryango yabo igahabwa ubumenyi kandi ikubakirwa ubushobozi, mu mitangire ya serivisi Mbenezamikirire y'Abana Bato, hagamijwe ko abana babo bakura neza mu nzego zose z'imikirire.

Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango: Ni urugo cyangwa indi nyubako itoranywa mu mudugudu hashingiwe cyane ku mutekano w'abana, rugakoreshwa nk'ahantu ababyeyi basiga abana mu gihe bagiye mu mirimo yabo ya buri muni, abana bakahaherwa serivisi Mbenezamikirire

Urugo Mbenezamikirire rucungwa n'abaturage: Ni inyubako zari zisanze zifite ba nyirazo cyangwa ibindi bikorerwamo, zigahindurwa ahantu abana bato bari hagati y'imyaka itatu n'itandatu bahererwa serivisi Mbenezamikirire. Iyo nyubako ishobora kandi kubakwa cyangwa kuvugururwa hagamijwe kuyigira urugo Mbenezamikirire rwo kuri uru rwego. Uru rugo kandi rucungwa kandi rugatanga serivisi hifashishijwe imisanzu y'abaturage n'ubwo rushobora kwakira inkunga iturutse kuri Leta cyangwa undi mufatanyabikorwa.

Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rw'icyitegererezo: Akenshi ruba ku rwego rw'akarere, rukagira ibikorwa remezo byose bikenewe n'abakozi babyigiye cyangwa babihuguriwe, rugamije gutanga serivisi Mbenezamikirire ku Bana Bato mu byiciro byose (kuva umwana

agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu), ariko rukanifashishwa mu guhugura no kongerera ubushobozi abakozi, abakorerabushake cyangwa ababyeyi batanga serivisi mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato rwavuzwe haruguru, kimwe n'abafatanyabikorwa muri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato mu karere rukoreramo.

Ubumuga: Gutakaza ubushobozi bujyanye n'ubuzima nk'ubw'abandi biturutse ku ndwara, impanuka cyangwa izindi mpamvu.

INTANGIRIRO

Iyi mfashanyigisho y'uhugura abarezi muri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato hibandwa ku Ngo Mbenezamukurire zikorera mu muryango, igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi bikurikira:

Igice cya mbere kibanda ku bikorwa bizamura ubushobozi bw'uhugurwa ku mitangire ya serivisi z'ubuzima, imirire, isuku n'isukura, kurimda no kurengera umwana hamwe na serivisi z'uburere buboneye n'iterambere ry'umuryango. Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana abusanga mu nyoborabarezi yitwa **"KURA NEZA"**. Iki gice kigize n'ibiganiro 9 bikurikira:


- Ikiganiro cya mbere: Mbenezamukurire y'Abana Bato n'akamaro kayo
- Ikiganiro cya kabiri: Ibyiciro n'inzego z'imukurire y'umwana muto
- Ikiganiro cya gatatu: Inama z'ingenzi zafasha umurezi mu kwita ku buzima bw'abana bato
- Ikiganiro cya kane: Inama z'ingenzi zafasha umurezi mu kwita ku mirire y'abana bato
- Ikiganiro cya gatanu: Inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana mu gutanga serivisi z'isuku n'isukura
- Ikiganiro cya gatandatu: Inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana mu gutanga serivisi zo kurinda no kurengera umwana
- Ikiganiro cya karindwi: Gutegura no kuyobora ibiganiro bigenewe ababyeyi
- Ikiganiro cya munani: Amatsinda y'ababyeyi mu bikorwa bigamije gukomeza imitangire ya serivisi mu buryo burambye.
- Ikiganiro cya 9: Inshingano z'umurezi w'abana bato

Igice cya kabiri cy'iyi mfashanyigisho kibanda ku bikorwa bizamura ubushobozi bw'uhugurwa ku mitangire ya **serivisi zo gukangura ubwonko bw'umwana**. Iki gice gikubiyemo incamake y'ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana nyuma y'amahugurwa. Ubutumwa burambuye uhugurwa asigarana kuri serivisi zo gukangura ubwonko bw'umwana, abusanga mu nyoborabarezi yitwa **"TWITEGURE ISHURI"** mu bice byayo uko ari bitatu. Iki gice kigizwe n'ibiganiro 8 bikurikira:

- Ikiganiro cya mbere: Imiterere y'inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato
- Ikiganiro cya kabiri: Ingengabihe y'umunsi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango.

- Ikiganiro cya gatatu: Imicungire idaheza icyumba cy'abana mu Rugo Mbonezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango.
- Ikiganiro cya kane: Kuyobora abana mu bikorwa by'ubumenyi bw' ibidukikije
- Ikiganiro cya gatanu: Kuyobora abana mu bikorwa biteza imbere imibare
- Ikiganiro cya gatandatu: Kuyobora abana mu bikorwa biteza imbere ururimi rw'ikinyarwanda
- Ikiganiro cya karindwi: Kuyobora abana mu bikorwa bibatoza kwita kubuzima/ibonezabuzima
- Ikiganiro cya munani: Kuyobora abana mu bikorwa biteza imbere ubumenyi n'ubushobozi mu bugeni n'umuco

Buri kiganiro kigaragaza intego, imfashanyigisho, igihe ikiganiro kizamara, uburyo ikiganiro gitangwamo, ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana n'ibibazo by'isuzuma. Mu gihe cy'amahugurwa, uhugura yifashisha iyi mfashanyigisho mu gutanga amabwiriza ku bigomba gukorwa n'uburyo bikorwamo, kuyobora abahugurwa mu kugaragaza ibyavuye mu matsinda no gutanga ibitekerezo ku byakorewe mu matsinda hibandwa ku gushima ibyakozwe neza no kubereka ibyo bakwiye kunoza kurushaho. Uhugura asoza abaza abahugurwa ibibazo cyangwa abaha umwitozo hagamijwe kumenya icyo abahugurwa bungukiye mu kiganiro.




**IGICE CYA MBERE:
IMITANGIRE YA SERIVISI Z'UBUZIMA,
IMIRIRE, ISUKU, KURINDA NO
KURENGERA UMWANA, UBURERE
BUBONEYE N'ITERAMBERE
RY'UMURYANGO**

IKIGANIRO CYA MBERE: IMBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO N'AKAMARO KAYO



Uburere buboneye n'iterambere ry' umuryango



Uburezi(gukangura ubwonko bw'umwana)



Kurinda no kurengera umwana



Ubuzima



Isuku n'isukura



Imirire



1.1. Intego z'ikiganiro

Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura serivisi Mbenezamikurire y'Abana Bato zikomatanijye kandi zidaheza
- Gusobanura inkingi za serivisi muri Gahunda Mbenezamikurire y'Abana Bato mu Rwanda
- Kugaragaza akamaro ka serivisi Mbenezamikurire y'Abana Bato ku mwana, ku muryango no ku gihugu muri rusange.

1.2. Imfashanyigisho n'igihe ikigairo kizamara


- **Imfashanyigisho zizakenerwa:** inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango, filipucati (flip chart), marikeri, amakaramu n'amakayi.
- **Igihe ikiganiro kimara:** 1h30min

1.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga ikiganiro

i) **Uburyo:** ibikorwa mu matsinda

ii) **Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa**

Umwitoto mu matsinda: imbenezamikirire y'abana bato



- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8).
- Saba buri tsinda kwifashisha inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango, **"Kura neza"** umutwe wa mbere: **"Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato n'akamaro kayo"**, bitoremo uzi gusoma asomere bagenzi be ibikubiye muri uwo mutwe, bakore incamake yabyo.
- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyavuye mu biganiro byabere mu itsinda ryabo.

- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda gutanga ibitekerezo buzuza ibyagaragajwe n'itsinda risoje igikorwa.
- Soza wunganira abahugurwa wifashishije **"Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana"** buri mu mutwe wa mbere w'inyoborabarezi: **"Kura neza"**.

1.4. Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana


Urabusanga mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"** umutwe wa mbere **"Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato n'akamaro kayo"**.

1.5. Isuzuma

Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Imbenezamikirire y'Abana Bato ni iki ?
2. Vuga serivisi mbenezamikirire y'abana bato?
3. Sobanura "serivisi Mbenezamikirire y'Abana Bato zikomatanijye kandi zidaheza"?

IKIGANIRO CYA KABIRI: IBYICIRO N'INZEGO Z'IMIKURIRE Y'UMWANA MUTO



2.1. Intego z' ikiganiro

Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura ibyiciro n' inzego z' imikurire y'umwana.
- Gusobanura bimwe mu biranga ubushobozi bw'umwana mu byiciro bitandukanye by'imikurire.
- Kugaragaza no gusobanukirwa bimwe mu bimenyestso biranga umwana ufite ikibazo cyo kudindira mu mikurire.

- Kugaragaza no gusobanura bimwe mu buryo wakoresha ufasha umwana wadindiye mu mikurire.
- Gutanga inama ku babyeyi hagamijwe kubafasha kumenya uko bakwitwara mu kibazo cyo kudindira k'umwana wabo.



2.2. Imfashanyigisho n' igihe ikiganiro kizamara



- **Imfashanyigisho zizakenerwa:** Inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana bato rukorera mu muryango, ishusho-gereranya y'agafuka.
- **Igihe:** 2h30min.



2.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro



i) Uburyo: Ibiganiro biyobowe n' uhugura, ishusho-gereranya n'ibiganiro mu matsinda

ii) Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:

- Ha abahugurwa amakuru akurikira:
 - Iki kiganiro gikubiyemo ibyiciro bitandukanye umwana anyuramo kuva agisamwa kugeza ku myaka itandatu, ibiranga umwana ugeze muri icyo cyiciro, ibimenyetso bigaragaza kudindira k'umwana n'ubufasha bwihariye umwana ufite ikibazo cy'idindira yahabwa.
 - Ibiranga umwana ugeze mu byiciro bitandukanye biza kugarukwaho muri iki kiganiro ni ubushobozi benshi mu bana baba bafite bageze muri icyo cyiciro. Ibi ntibibuza ko hari abashobora kugira ubwo bushobozi mbere cyangwa nyuma gato y'icyo cyiciro, kandi bakaba badafite ikibazo cyo kudindira mu mikurire.
 - Mu bimenyetso bigaragaraza ko umwana yadindiye harimo ibyo umubyeyi ashobora kwibonera ubwe n'ibindi byemezwa n'abaganga cyangwa izindi nzego zibifitiye ubumenyi n'ubushobozi.
- Komeza ukorera abahugurwa ishusho-gereranya ku miterere y'ubwonko nk'ishingiro ry'intambwe z'imikurire y'umwana ukoreshaje agafuka wateguye mu buryo bukurikira: fata ibice bibiri by'agafuka (igice kimwe gifite imyenge n'ikindi kidafite imyenge) nk'uko bigaragazwa n'amafoto akurikira:




Ifoto y'agafuka gafite imyenge



Ifoto y'agafuka kadafite imyenge

- Komeza ubasobanurira imitere y'ubwonko bw'umwana kuva agisamwa kugeza ageze ku myaka 6 nk'uko bigaragara mu Nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato: **"Kura neza"**, umutwe wa Kabiri: **"Ibyiciro n' inzego z'imukurire y'umwana muto"**.

Umwitoto mu matsinda: Ibyiciro n' inzego z'imukurire y'umwana muto



- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8).
- Saba buri tsinda kwifashisha inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"**.
- Saba buri tsinda kwifashisha iyo nyoborabarezi mu mutwe wayo wa kabiri: **"Ibyiciro n' inzego z'imukurire y'umwana muto"**, bitoremo uzi gusoma asomere bagenzi be ibikubiye muri uwo mutwe, bakore incamake yabyo
- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyavuye mu biganiro byabereye mu itsinda ryabo.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda gutanga ibitekerezo buzuza ibyagaragajwe n'itsinda risoje igikorwa.
- Soza wunganira abahugurwa wifashishije **"Ubutumwa bw' ingenzi uhugurwa asigarana"** buri mu mutwe wa kabiri w'inyoborabarezi: **Kura neza**



2.4. Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana



Urabusanga mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"** umutwe wa kabiri **"Ibyiciro n'inzego z'imukurire y'umwana muto"**.



2.5. Isuzuma



Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Vuga ibyiciro by'imukurire y'umwana?
2. Hitamo kimwe mu byiciro by'imukurire y'umwana muto, uvuge ibintu 3 biranga umwana muto muri icyo kiciro?

IKIGANIRO CYA GATATU: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI MU KWITA KU BUZIMA BW'ABANA BATO



3.1. Intego z' ikiganiro

Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura igihe umurezi w'abana bato agomba kwihutira kugeza umwana ku ivuriro
- Gusobanura icyo yakora mu gihe umwana yitaho adashobora gukora ibyo abandi bana bangana bashobora gukora
- Gusobanura uko yatanga ubutabazi bw'ibanze ku bana mu gihe yitegura kumugeza ku ivuriro

3.2. Imfashanyigisho n' igihe ikiganiro kizamara

- **Imfashanyigisho zizakenerwa:** inyoborabarezi mu rugo mbonezamikurire y'abana bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"**, agasanduku k'ubutabazi.
- **Igihe ikiganiro kizamara:** Amasaha 2


3.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro

i) **Uburyo:** Ibibazo nkangurabwenge n'ibiganiro mu matsinda.

ii) **Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:**

- Baza abahugurwa ibibazo bikurikira, babisubirize hamwe mu magambo:
 1. Ku bwawe, umwana ufite ubuzima bwiza aba ameze ate?
 2. Ni iki cyakorwa kugira ngo umwana agire ubuzima bwiza?
- Bwira abahugurwa ko mu isomo rikurikira mugiyeye kuganira kuri serivisi umwana akeneye kugira ngo agire ubuzima bwiza.

Umwitoto: inama z'ingenzi zafasha umurezi mu kwita ku buzima bw'abana



- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8),

- Saba buri tsinda kwifashisha inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"** umutwe wa gatatu: Bitoremo uzi gusoma asomere bagenzi be ikiganiro: **"Inama z'ingenzi zafasha umurezi mu kwita ku buzima**

bw'abana" bakore incamake y'ibikubiyemo.

- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyavuye mu biganiro byabere mu itsinda ryabo.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda gutanga ibitekerezo buzuzura ibyagaragajwe n'itsinda risoje igikorwa.
- Soza wunganira abahugurwa wifashishije **"Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana"** buri mu mutwe wa gatatu w'inyoborabarezi: **Kura neza.**



3.4. Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana



Urabusanga mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"** umutwe wa gatatu: **Inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu kwita ku buzima bwabo.**




3.5. Isuzuma



Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Wumva ugiye kujya ufasha ute abana n'imiryango yabo mu rwego rw'ubuzima, nyuma y'Iki kiganiro.
2. Ni iki wumva wigiye muri iri somo gishyashya utari uzi?

IKIGANIRO CYA KANE: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI W'ABANA BATO MU KWITA KU MIRIRE Y'ABANA





4.1. Intego z' ikiganiro



Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura amatsinda y'ibiribwa bigize indyo yuzuye, akamaro kabyo n'ingaruka zo kubibura
- Gusobanura ibigize isahani y'umwana
- Gutegura ifunguro ry'umwana hibandwa ku gikoma n'imboga hamwe no gutanga inama ku babyeyi mu guteka imboga mu buryo butangiza intungamubiri zazo.
- Kugaragaza ibiribwa n'ibinyobwa abana bakwiye kugabanya mu rwego rwo kwirinda umubyibuho ukabije
- Gusobanura ingengabihe y'amafunguro y'umwana muto.



4.2. Imfashanyigisho n' igihe ikiganiro kizamara



- **Imfashanyigisho zizakenerwa:** amashusho ari mu nyoborabarezi mu rugo mbonezamikurire y'abana bato rukorera mu muryango: **"KURA NEZA"**, umutwe wa kane: **"Inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu kwita ku mirire y'abana"**.
- **Igihe ikiganiro kizamara:** amasaha 2



4.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro




i) **Uburyo:** ibikorwa mu matsinda,

ii) **Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:**

Umwitozo mu matsinda: inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu kwita ku mirire y'abana.

Umwitoto mu matsinda: inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu kwita ku mirire y'abana.



- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8).
- Saba buri tsinda kwifashisha inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"** igice cya kane: bitoremo uzi gusoma asomere bagenzi be kandi barebe n'amashusho ajyana n' **"Inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu kwita ku mirire y'abana"** bakore incamake y'ibyo basomye.

- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyavuye mu biganiri byabere mu itsinda ryabo.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda gutanga ibitekerezo buzuza ibyagaragajwe n'itsinda risoje igikorwa
- Soza wunganira abahugurwa wifashishije **"Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana"** buri mu mutwe wa kane w'inyoborabarezi mu rugo mbenezamukurire y'abana bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"**

4.4. Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana

Urabusanga mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"** umutwe wa kane: **Inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu kwita ku mirire y'abana"**.

4.5. Isuzuma

Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Vuga amoko y'ibiribwa bigize indyo yuzuye n'akamaro kayo.
2. Ni iki wakora mu gihe ubonye umwana ukeneye ubufasha mu bijyanye n'imirire mu gihe ikibazo kirenze ubushobozi bwawe?
3. Vuga ibimenyetso mpuruza waba uzi ku mirire mibi y'abana.

IKIGANIRO CYA GATANU: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI W'ABANA BATO MU GUTANGA SERIVISI Z'ISUKU N'ISUKURA




Kugira ubwihereho n'aho bihagarika no Kugira ahantu hihariye hashyirwa imyanda mu buryo butekanye



Kugira aho uvoma amazi meza yo gukoresha



Kugira kandagira ukarabe ikoresheya



Gukaraba intoki muri ibi bihe by'ingenzi




Kugira isuku y'ibiribwa



Kugira isuku ku mubiri ku myambaro mu nyubako nahayikikije



Kunywa amazi asukuye



Kugira agatanda ko kwanikaho amasahani.



5.1. Intego z' ikiganiro



Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura amahame n'amabwiriza agenga isuku
- Kugaragaza intambwe zo gukaraba intoki

5.2. Imfashanyigisho n'igihe ikiganiro kizamara

- **Imfashanyigisho zizakenerwa:** amashusho ari mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango mu mutwe wa gatatu: **"inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu gutanga serivisi z'isuku"**, kandagira ukarabe, isabune n'amazi meza
- **Igihe ikiganiro kizamara:** 2h30 min.

5.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro

i) **Uburyo:** ibikorwa mu matsinda, umwitozo wo gukaraba

ii) **Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:**



Umwitozo 1 : inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu gutanga serivisi z'isuku 1h

- Saba abahugurwa kuja mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8),
- Saba buri tsinda kwifashisha inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango ikubiyemo inama z'ingenzi mu gutanga serivisi z'ubuzima, imirire iboneye, kurinda no kurengera umwana n'ibiganiro bigenewe ababyeyi.
- Saba buri tsinda gusoma ikiganiro cya gatanu: **"Inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu gutanga serivisi z'isuku"** bategure kandi banagaragaze ibyo bakuye muri icyo kiganiro.
- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyavuye mu biganiro mu itsinda.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda gutanga ibitekerezo bunganira, banuzuzwa ibyagaragajwe n'itsinda risoje igikorwa.
- Unganira buri tsinda ushimangira, wuzuza ibyo bagaragaje, wifashishije ibikubiye mu butumwa bw'ingenzi kuri iki kiganiro.

Umwitozo wa kabiri mu matsinda: uko bakaraba intoki neza

- Umunsi ubanziriza uyu mwitozo, shyira abahugurwa mu matsinda abiri, atatu cyangwa ane



kugirango bishakemo uzashobora kubona kandagira ukarabe bazifashisha mu umwitozo uteganijwe ku munsi ukurikira.

- Ku munsi n'isaha nyir'izina by'umwitozo, saba abahugurwa kujya muri ya matsinda yakozwe, buri tsinda ryifashisha inyoborabarezi mu rugo mbonezamukurire y'abana bato rukorera mu muryango mu mutwe wa 5: **"Inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu gutanga serivisi z'isuku"** ku gace kavuga ku **"Intambwe zo gukaraba intoki"**

babifashijwemo n'uzi gusoma muri bo, basome kandi baganire ku butumwa buhari, bitoze gukaraba neza intoki bakurikije intambwe zagaragajwe.

- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyavuye mu biganiro n'umwitozo ku gukaraba intoki mu itsinda.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba abagize buri tsinda kuvuga ibyo bumva bishimira ko bakoze neza n'ibyakosorwa.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda kugaragaza ibyo babona byakozwe neza n'ibyakosorwa.
- Unganira buri tsinda ushimangira ibyakozwe neza, wuzuzura kandi ukosora ibyo batakoze neza ugendeye ku butumwa bugaragara ku mutwe wa gatanu: **"Inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu gutanga serivisi z'isuku"** ku gace kavuga ku **"Intambwe zo gukaraba intoki"** hanyuma usabe abahugurwa babiri muri bo baze imbere basubiremo uko wabiberetse.

5.4. Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana

Urabusanga inyoborabarezi mu Rugo Mbonezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango ku gice cya mbere, umutwe wa gatanu: **"Inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu gutanga serivisi z'isuku"**.

5.5. Igikorwa cy'isuzuma

Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Sobanura amahame n'amabwiriza agenga isuku
2. Gusobanura isuku muri Gahunda Mbonezamukurire y'Abana Bato

IKIGANIRO CYA GATANDATU: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI MU GUTANGA SERIVISI ZO KURINDA NO KURENGERA UMWANA



6.1. Intego z' ikiganiro

Nyuma y'iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Kuvuga igisobanuro cy'ihohoterwa hibandwa kurikorera abana.
- Gutandukanya amoko y'ihohoterwa rikorerwa abana.
- Kugaragaza icyo umurezi w'abana bato yakora mu gukumira ihohoterwa cyangwa mu gihe umwana ahohotewe.

6.2. Imfashanyigisho n'igihe ikiganiro kizamara


- **Imfashanyigisho zizakenerwa:** Amashusho ari mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"**, umutwe wa gatandatu **"Inama z'ingenzi zafasha umurezi mu gutanga serivisi zo kurinda no kurengera umwana"**.
- **Igihe ikiganiro kizamara:** 2h30 min.

6.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro

i) Uburyo: Ibiganiro mu matsinda, kwitegereza amashusho, amakayi, amakaramu, filipuhati (Fip chart) na marikeri.


ii) Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:

Umwitoto wa mbere mu matsinda: Amoko y'ihohoterwa rikorerwa abana



- Saba abahugurwa kuja mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8),
 - Ha buri tsinda urupapuro ruriho amashusho ane agaragara mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: "Kura neza", mu mutwe wa gatandatu.
 - Saba abagize buri tsinda kwitegereza no kungurana ibitekerezo ku butumwa babona ayo mashusho atanga.
- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyavuye mu biganiro byabereye mu itsinda ryabo.
 - Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
 - Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda gutanga ibitekerezo buzuzwa ibyagaragajwe n'itsinda risoje igikorwa.
 - Soza wunganira abahugurwa ubabwira ko amashusho barebaga agaragaza amoko y'ihohoterwa rikorerwa abana. Ifashishe **"Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana"** buri mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"**, umutwe wa gatandatu.

Umwitoto wa kabiri mu matsinda: Inzira yo gutanga raporo cyangwa kwaka ubufasha mu gihe umwana yahohotewe



- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8),
- Saba buri tsinda kwifashisha inyoborabarezi mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"**, umutwe wa gatandatu, bitoremo uzi gusoma asomere bagenzi be ibikubiye mu mbonerahamwe ihari, igaragaza ingero z'ihohoterwa rikorerwa abana n'inzira yo gutanga raporo cyangwa kwaka ubufasha", bakore incamake y'ibikubiyemo.

- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyavuye mu biganiri byabereye mu itsinda ryabo
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda gutanga ibitekerezo buzuza ibyagaragajwe n'itsinda risoje igikorwa.
- Soza wunganira abahugurwa wifashishije **"Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana"** buri mu mutwe wa gatatu w'inyoborabarezi: **"Kura neza"**.


6.4. Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana

Urabusanga mu nyoborabarezi mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango **"Kura neza"** umutwe wa gatandatu: **"Inama z'ingenzi zafasha umurezi w'abana bato mu gutanga serivisi zo kurinda no kurengera umwana"**

6.5. Isuzuma

1. Sobanura ihohoterwa rikorerwa abana icyo ari cyo?
2. Tanga urugero rumwe rw'ihohoterwa rikorerwa abana, hanyuma uvuge n'inzira wacamo mu gutanga raporo cyangwa kwakira ubufasha umwana wahuye naryo.

IKIGANIRO CYA KARINDWI: GUTEGURA NO KUYOBORA IBIGANIRO BIGENEWE ABABYEYI



7.1. Intego z'ikiganiro

Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Kuvuga igisobanuro cy'uburere buboneye kandi budahutaza,
- Gutegura no kuyobora ibiganiro bigenewe ababyeyi.

7.2. Imfashanyigisho n'igihe ikiganiro kizamara

i) **Imfashanyigisho zizakenerwa:** Inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukirire y'Abana bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"**, umutwe wa karindwi: **"Gutegura no kuyobora ibiganiro bigenewe ababyeyi"**.


ii) **Igihe:** 3h30 min

7.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro

Uburyo: ibiganiro mu matsinda, umwitozo-ngiro

ii) Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:


Umwitozo wa mbere mu matsinda: Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu biganiro bigenewe ababyeyi



- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8),
- Bwira abahugurwa ko mu gikorwa mugiyemo, muza kwifashisha inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"** umutwe wa karindwi **"Gutegura no kuyobora ibiganiro bigenewe ababyeyi"**.

- Ha buri tsinda inshingano zo gusoma no gusobanukirwa ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu biganiro bibiri (2), muri makumyabiri na bibiri (22) biri ku rutonde rw'ibiganiro bigenewe ababyeyi mu nyoborabarezi yavuzwe haruguru.
- Saba buri tsinda bitoremo uzi gusoma asomere bagenzi be ibikubiye muri ibyo biganiro bibiri (2) bahawe, bakore incamake y'ibyo basomye.
- Saba buri tsinda rize rigaragaze imbere y'abandi ibyavuye mu biganiro byabereye mu itsinda ryabo.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda gutanga ibitekerezo buzuzwa ibyagaragajwe n'itsinda risoje igikorwa.
- Soza wunganira abahugurwa wifashishije **"Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana"** buri mu mutwe wa karindwi w'inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"**.

Umwitoto wa kabiri mu matsinda: gutegura no kuyobora ikiganiro kigenewe ababyeyi.



- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8)
- Bwira abahugurwa ko mu gikorwa mugiyemo, muza gukomeza kwifashisha inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"** umutwe wa karindwi **"Gutegura no kuyobora ibiganiro bigenewe ababyeyi"**.
- Saba buri tsinda uzi gusoma asomere bagenzi be ibikubiye mu mutwe wa karindwi, ku gice cyawo kivuga:

"Uko ibiganiro bigenewe ababyeyi biyoborwa" hanyuma bahitemo ikiganiro kimwe muri bibiri bari basabwe gusoma no gusobanukirwa mu gihe cy'umwitoto wa mbere, baze kwitorezaho kuyobora ibiganiro bigenewe ababyeyi.

- Saba buri tsinda ryishakemo utanga ikiganiro mu mwanya w'umurezi w'abana bato, abandi bajye mu mwanya w'ababyeyi.
- Saba buri tsinda gukora umwitozongiro ku kuyobora ibiganiro bigenewe ababyeyi berekana uko bayobora ikiganiro kimwe mu byo bahawe gutegura.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba buri tsinda kuvuga ibyo bumva bishimira ko bakoze neza n'ibyo gukosorwa.
- Unganira buri tsinda ushimangira ibyakozwe neza, wuzuzura kandi ukosora ibyo batakoze neza wifashishije ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana.



7.4. Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana



Urabusanga mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango **"Kura neza"** umutwe wa karindwi **"Gutegura no kuyobora ibiganiro bigenewe ababyeyi"**, ku gice cyawo kivuga: **"Uko ibiganiro bigenewe ababyeyi biyoborwa"**.




7.5. Isuzuma



- Saba ababyeyi gutegura ikiganiro mu matsinda ariko bahitemo umwe witegura kugitanga imbere ya bagenzi be bitabiriye amahugurwa.
- **Amabwiriza ajyanye n'igikorwa:** Mutemo ikiganiro kimwe mu biganiro makumyabiri na bibiri (22) bigenewe ababyeyi, mugitegure mu minota 15, nyuma muhitemo uza gukora umwitoto-ngiro mu atange icyo kiganiro imbere ya bagenzi be.

IKIGANIRO CYA MUNANI: AMATSINDA Y'ABABYEYI MU BIKORWA BIGAMIJE GUKOMEZA IMITANGIRE YA SERIVISI MU BURYO BURAMBYE



8.1. Intego z'ikiganiro

Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gutanga inama ku babyeyi hagamijwe imigendekere myiza y'ibikorwa by'amatsinda cyangwa amakoperative yabo ku nyungu z'umwana.

8.2. Imfashanyigisho n'igihe ikiganiro kizamara


- **Imfashanyigisho zizakenerwa:** Inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"**, umutwe wa munani: **"Imikorere y'amatsinda n'amakoperative muri gahunda mbenezamikirire y'abana bato"**.
- **Igihe ikiganiro kizamara:** amasaha 3 (3h)

8.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro

i) **Uburyo:** Ibiganiro mu matsinda

ii) **Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa**

Umwitozo wa mbere mu matsinda: Gusobanukirwa n'imikorere y'amatsinda y'ababyeyi ku nyungu z'umwana



- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8).
- Bwira abahugurwa ko mu gikorwa mugiyemo, muza gukomeza kwifashisha inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"** umutwe wa munani. **"Imikorere y'amatsinda n'amakoperative y'ababyeyi muri Gahunda Mbenezamikirire"**.

- Saba buri tsinda bitoremo uzi gusoma asomere bagenzi be ibikubiye muri uwo mutwe wa munani **"Imikorere y'amatsinda n'amakoperative y'ababyeyi muri Gahunda Mbenezamikirire"**, bakore incamake y'ibyo basomye.

- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyavuye mu biganiri byabereye mu itsinda ryabo
- Shimira buri tsinda usabe n’abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda gutanga ibitekerezo buzuzwa ibyagaragajwe n’itsinda risoje igikorwa
- Soza wunganira abahugurwa wifashishije **“Ubutumwa bw’ ingenzi uhugurwa asigarana”** buri mu mutwe wa munani w’inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y’Abana Bato rukorera mu muryango: **“Kura neza”**.

Umwitoto wa kabiri mu matsinda: Umwitoto-ngiro ku mikorere y’amatsinda y’ababyeyi mu bikorwa byo kuzigama no gushora imari mu mishinga ibyara inyungu



- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n’abantu makumyabiri na batanu (25) kugeza kuri mirongo itatu (30).
- Saba abagize buri tsinda kugendera ku mabwiriza ari mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y’Abana Bato rukorera mu muryango: **“Kura neza”**, mu mutwe wa munani: **“Imikorere y’amatsinda y’ababyeyi muri Gahunda Mbenezamikirire”**, bakore ibi bikurikira mu

itsinda ryabo:

- Kwitoramo komite y’itsinda igizwe n’aba bakurikira: Perezida/Perezidante w’itsinda, visi Prezida/perezidante, umwanditsi, umubitsi, ababaruramari cyangwa abajyanama babiri (2)
Kwicara ku ruziga bagendeye ku mabwiriza ari mu mutwe wavuzwe haruguru
- Saba komite ya buri tsinda iyobowe na Perezida/Perezidante kuyobora abagize itsinda mu gikorwa cy’umwitoto ngiro ku kwizigama mu itsinda ry’ababyeyi uko biteganywa n’inyobora biganiri mu nama y’itsinda ry’ababyeyi iri ku mugereka wa mbere mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y’Abana Bato rukorera mu muryango: **“Kura neza”**.
- Saba buri tsinda kuza imbere y’abandi ryerekane ibyo ryigiye mu mwitoto ngiro bakoreye mu itsinda ryabo ku kwizigama mu itsinda ry’ababyeyi uko biteganywa n’inyoborabiganiri mu nama y’itsinda ry’ababyeyi yavuzwe haruguru.

- Shimira buri tsinda usabe n’abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba buri tsinda kuvuga ibyo bumva bishimira ko bakoze neza n’ibyo gukosorwa.
- Unganira buri tsinda ushimangira ibyakozwe neza, wuzuza kandi ukosora ibyo batakoze neza wifashishije ubutumwa bw’ingenzi uhugurwa asigarana



8.4. Ubutumwa bw’ingenzi uhugurwa asigarana



Urabusanga mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y’Abana Bato rukorera mu muryango

“Kura neza”, umutwe wa munani: ***Imikorere y’amatsinda y’ababyeyi muri Gahunda Mbenezamukurire***”.



8.5. Isuzuma



1. Mu itsinda rigizwe n’abantu kuva kuri makumyabiri na batanu (25) kugeza kuri mirongo itatu (30) mukore ibi bikurikira:
 - Umwitozongiro ku bikorwa byo kwizigama no gushora imari mu mishinga ibyara inyungu hubahirizwa amabwiriza agaragara ku mugereka wa kabiri mu nyoborabarezi “Kura neza”.

IKIGANIRO CYA CYENDA: INSHINGANO Z'UMUREZI W'ABANA BATO



9.1. Intego z' ikiganiro

Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura inshingano rusange ku murezi w'umwana muto mu Ruogo Mbonezamikurire.
- Kwerekana inshingano z' inyongera zihariye ku murezi w' abana bato uhagarariye abandi.
- Kugaragaza ibindi bintu by'ingenzi umurezi w'abana bato agiramo uruhare mu rwego rw'imitangire ya serivisi ku mwana buryo bukomatanyije.

9.2. Imfashanyigisho n'igihe ikiganiro kizamara


- **Imfashanyigisho zizakenerwa:** inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"** mu mutwe wa cyenda: **"Inshingano z'umurezi w'abana bato"**.
- **Igihe ikiganiro kizamara:** 1h30 min

9.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro

i) **Uburyo:** ibikorwa mu matsinda

ii) **Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:**

Umwitoto wa mbere : Gusobanura inshingano z'umurezi w'abana bato




- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8)
 - Saba buri tsinda kwifashisha inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango **"Kura neza"**, umutwe wa cyenda: **"Inshingano z'umurezi w'abana bato"**
 - Saba buri tsinda bitoremo uzi gusoma asomere bagenzi be ibikubiye muri uwo mutwe wa cyenda **"Inshingano z'umurezi w'abana bato"**, bakore incamake y'ibyo basomye.
- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyavuye mu biganirwa byabereye mu itsinda ryabo
 - Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
 - Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda gutanga ibitekerezo buzuzwa ibyagaragajwe n'itsinda risoje igikorwa.
 - Soza wunganira abahugurwa wifashishije **"Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana"** buri mu mutwe wa cyenda w'inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Kura neza"**.

9.4. Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana

Urabusanga mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango **"Kura neza"**, umutwe wa cyenda: **"Inshingano z'umurezi w'abana bato"**.

9.5. Isuzuma

1. Vuga inshingano rusange ku barezi b' abana bato?
2. Sobanura inshingano z' inyongera zihariye ku murezi w' abana bato uhagarariye abandi?



**IGICE CYA KABIRI:
KUYOBORA IBIKORWA
BYO GUKANGURA UBWONKO
BW'UMWANA**

IKIGANIRO CYA MBERE: IMITERERE Y'INYOBORABAREZI MU RUGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO

1.1. Intego y'ikiganiro

Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gutahura no gusobanura imiterere y'inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango.

1.2. Imfashanyigisho n'igihe ikiganiro kizamara

- **Imfashanyigisho zizakenerwa:** inyoborabarezi mu rugo mbenezamikurire y'abana bato rukorera mu muryango, impapuro zo kwandikaho (filipucati) n'amakaramu manini/marikeri.
- **Igihe ikiganiro kizamara:** isaha imwe (1h).

1.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro

i) Uburyo bwifashishwa: ibiganiro mu matsinda.

ii) Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:

- Shyira abahugurwa mu matsinda y'abantu hagati ya batandatu (6) n'umunani (8).
- Gabanya ayo matsinda inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **Twitegure ishuri-Igice cya mbere, Twitegure ishuri-Igice cya kabiri, Twitegure ishuri-Igice cya gatatu.**
- Saba buri tsinda, ribifashijwemo n'uzi gusoma muri bo, rifungure inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango ryahawe bahereye mu gice cy'intangiriro, ahavuga ku **"Imiterere y'inyoborabarezi "**, bakomereze mu kureba mu bindi bice byose by'inyoborabarezi bahawe, basome, bacukumbure, baganire ku bikubiyemo, bibanda ku kugaragaza ibi bikurikira: Insanganyamatsiko zagendewehe mu gutegura ibikorwa bya buri kwezi, ibikorwa bya buri cyumweru n'ibara ribiranga cyangwa bigaragaramo , uburyo bwo gusuzuma intambwe umwana agezeho mu mpera za buri cyumweru, n'igihe kigenewe ibikorwa bikubiye mu nsanganyamatsiko bahawe.

- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyo ryagezeho mu biganiro mu matsinda.
- Shimira buri tsinda usabe n’abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Unganira amatsinda ushimangira kandi wuzuza ibyo yasobanuye wifashishije ibikubiye mu butumwa bw’ingenzi buri mu mfashanyigisho **“Twitegure ishuri” mu bice byayo uko ari bitatu (3)** wibanda ku byagaragajwe haruguru wabasabye : Insanganyamatsiko zagendeweho mu gutegura ibikorwa bya buri kwezi, ibikorwa bya buri cyumweru n’ibara ribiranga cyangwa bigaragaramo ,uburyo bwo gusuzuma intambwe umwana agezeho mu mpera za buri cyumweru, n’igihe kigenewe ibikorwa bijyana na buri nsanganyamatsiko mu zibanzweho muri buri gice cy’inyoborabarezi: **“Twitegure ishuri”**.



1.4. Ubutumwa bw’ingenzi uhugurwa asigarana



Ubutumwa bw’ingenzi ku miterere y’inyoborabarezi yitwa “Twitegure Ishuri”, uhugurwa arabusanga mu ntangiriro y’inyoborabarezi.



1.5. Isuzuma



Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Vuga insanganyamatsiko ya buri kwezi muri gahunda y’Urugo Mbonezamikurire y’Abana Bato rukorera mu muryango
2. Sobanura akamaro k’amabara yakoreshejwe mu nyoborabarezi yitwa: “Twitegure Ishuri”.

IKIGANIRO CYA KABIRI: INGENGABIHE Y'UMUNSI MU RUGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO RUKORERA MU MURYANGO



2.1. Intego y'ikiganiro



Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura imiterere y'ingengabihe y'umunsi mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango.
- Kuvuga akurikiranya ibikorwa uko biri ku ngengabihe ahereye ku gikorwa kibanza.
- Kuririmba indirimbo iranga buri gikorwa kiri ku ngengabihe.



2.2. Imfashanyigisho n'igihe ikiganiro kizamara



- **Imfashanyigisho zizakenerwa:** Ingengabihe y'umunsi mu rugo mbonezamikurire y'abana bato, impapuro zo kwandikaho (filipucati), amakaramu manini/marikeri
- **Igihe ikiganiro kizamara:** Isaha imwe.



2.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga ikiganiro



i) Uburyo: ibiganiro mu matsinda,

ii) Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:

- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu batandatu (6) kugeza ku munani (8).
- Saba amatsinda kongera gufata inyoborabarezi zikurikira: **Twitegure ishuri-Igice cy'a mbere, icya kabiri, n'icya gatatu**, barebe mu **gice cy'intangiriro**, ahavugaga ku ngengabihe y'umunsi mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango, basome, bacukumbure, baganire ku butumwa bahasanga.
- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyo ryagezeho mu biganiro mu matsinda.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Unganira buri tsinda ushimangira kandi wuzuza ibyo basobanuye wifashishije ibikubiye mu butumwabw'ingenzi buri mu mfashanyigisho "**Twitegure ishuri**" wari

wabahaye wibanda ku butumwa bukubiye mu gice cy'intangiriro ahavugako ku ku **"Ingengabihe y'umunsi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango"**.

2.4. Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana

Ubutumwa bw'ingenzi urabusanga mu nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango **"Twitegure ishuri-igice cya mbere"**, mu gice cyayo cy'intangiriro, ahavugako ku **ngengabihe**.

2.5. Isuzuma

1. Ha abahugurwa udupapuro twanditseho ibikorwa biri ku ngengabihe, ubasabe guhura bahagarare bakurikiranye bahereye uko ibikorwa bikurikirana.
2. Saba buri wese ufite agapapuro aririmbe indirimbo ijyanye n'igikorwa afite.

IKIGANIRO CYA GATATU: IMICUNGIRE IDAHEZA Y'ICYUMBA CY'ABANA MU RUGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO RUKORERA MU MURYANGO



3.1. Intego z'ikiganiro



Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura imicungire idaheza y'icyumba cy'abana mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango.
- Gusobanura uburyo bukoreshwa mu kuyobora abana bari mu cyiciro cy'imyaka itandukanye, harimo n'abafite ubumuga mu bikorwa byo gukangura ubwonko.



3.2. Imfashanyigisho n'igihe ikiganiro kizamara



Imfashanyigisho zizakenerwa: Impapuro nini zo kwandikaho (filipuchati), amakaramu manini/marikeri.

Igihe: 1saha imwe (1h)



3.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro



i) **Uburyo:** ibikorwa mu matsinda,

ii) **Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:**

- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu kuva kuri batandatu (6) kugeza ku munani (8).
- Saba buri tsinda kwifashisha inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango **"Twitegure Ishuri-igice cya mbere"**, mu gice cyayo cy'intangiriro, ahavuga ku: **"Imicungire idaheza y'icyumba cy'abana mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango"**, uzi gusoma asomere bagenzi be ibikubiyemo, babiganireho bakore incamake ku bikubiyemo.
- Saba buri tsinda rize rigaragaze ibyavuye mu biganiro mu itsinda imbere y'abandi.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.

- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda gutanga ibitekerezo bunganira, banuzuzwa ibyagaragajwe n'itsinda risoje igikorwa
- Soza wunganira buri tsinda, wuzuzwa ibyo bagaragaje, wifashishije ibikubiye mu butumwa bw'ingenzi kuri iki kiganiro ku "Imicungire idaheza y'icyumba cy'abana mu rugo mbonezamikurire y'abana bato rukorera mu muryango" bugaragara mu gice ntangiriro, mu nyoborabarezi "Twitegure Ishuri-igice cya mbere" mu ntangiriro.



3.4. Ubutumwa bw'ingenzi uhugurwa asigarana



Urabusanga mu nyoborabarezi mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango **"Twitegure ishuri-igice cya mbere"**, mu gice cyayo cy'**intangiriro**, ahavugaga ku ***Imicungire idaheza y'icyumba cy'abana mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango***".



3.5. Igikorwa cy'isuzuma



Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Ni iki wavugaga ku micungire idaheza y'icyumba cy'abana mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango.
2. Uhereye ku rugo mukoreramo, ni iki usanze ugiye gukora kugira ngo harusheho kwakira abana bose nta n'umwe uhejwe?

IKIGANIRO CYA KANE: KUYOBORA ABANA MU BIKORWA BY'UBUMENYI BW' IBIDUKIKIJE



4.1. Intego z'ikiganiro



Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura ubumenyi bw'ibanze bugenewe abana b'incuke mu bidukikije,
- Gutegura no kuyobora abana mu buryo budaheza, mu bikorwa bituma umwana ashobora:
 - Kuvuga mu kinyarwanda kinoze, umwirondoro we, ibice by'ingenzi bigize umubiri w'umuntu, umuryango we;
 - Gusobanura ibice bigize urugo n'inzu biboneka aho batuye;
 - Gutandukanya ibiribwa n'ibinyobwa biboneha aho atuye;
 - Kuvuga akamaro k'amazi;
 - Kugaragaza imyitwarire ijyanye n'ibihe by'ikirere;
 - Gutandukanya amatungo n'inyamaswa zo mu gasozi no mu mazi, no kwirinda izabagirira nabi;
 - Gutandukanya ibimera;
 - Gutandukanya ibigo n'imirimo ikorerwa aho atuye;
 - Gutandukanya ibitanga urumuri;
 - Gutandukanya ibitwara abantu n'ibintu;
 - Gutandukanya no gusobanura uburyo bw'itumanaho;
 - Kuvuga ibiranga iminsi mikuru.



4.2. Imfashanyigisho n'igihe ikiganiro kizamara



- **Imfashanyigisho:** Ibintu bifatika biboneka mu bidukikije n'amashusho ari mu nyoborabarezi igenewe abarezi bo mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango: **"Twitegure Ishuri"** hagendewe ku nsanganyamatsiko yashingiweho mu gutegura ibikorwa by'abana.
- **Igihe ikiganiro kizamara:** 1h:30min

4.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro

i) **Uburyo:** ibikorwa mu matsinda, indirimbo, imikino no kwitegereza.

ii) **Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:**

Umwitozo wa 1: Gutahura ibikorwa by'abana byateguwe hashingiwe ku nsanganyamatsiko z'ibidukikije

- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu batandatu (6) kugeza ku munani (8),
- Ha buri tsinda inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato
- Babwire ko iyo nyoborabarezi ubahaye irimo ibikorwa bifasha umurezi w'abana bato kongera ubumenyi n'ubushobozi bw'umwana hashingiwe ku nsanganyamatsiko cumi n'ebiri (12) zifite ibikorwa mu gihe cy'amezi cumi n'abiri mu buryo bukurikira:

- **Ukwezi kwa mbere:** Njyewe
- **Ukwezi kwa kabiri:** Umubiri wanjye
- **Ukwezi kwa gatatu:** Umuryango wanjye
- **Ukwezi kwa kane:** Iwacu mu rugo
- **Ukwezi kwa gatanu:** Amazi n'ibihe by'ikirere
- **Ukwezi kwa gatandatu:** Inyamaswa
- **Ukwezi kwa karindwi:** Ibimera n'ubutaka
- **Ukwezi kwa munani:** Ibigo n'imirimo ikorerwa aho dutuye
- **Ukwezi kwa cyenda:** Ibitanga urumuri
- **Ukwezi kwa cumi:** Ibitwara abantu n'ibintu
- **Ukwezi kwa cumi na kumwe:** Itumanaho
- **Ukwezi kwa cumi na kabili:** Iminsi mikuru

- Babwire ko buri tsinda risoma rikanagaragaza ibikorwa byose ku isaha ya **"Tumenye ibidukikije"** mu ngengabihe y'umunsi mu nsanganyamatsiko ebyiri (2) muri izi zavuzwe haraguru mu buryo bukurikira: Itsinda rya mbere: Batahura ibikorwa by'ibidukikije bishingiye ku nsanganyamatsiko ya 1&2; itsinda rya kabiri: insanganyamatsiko ya 3&4; itsinda rya gatatu: insanganyamatsiko ya 5&6, itsinda rya kane: insanganyamatsiko ya 7&8; itsinda rya gatanu: insanganyamatsiko ya 9&10, itsinda rya gatandatu: insanganyamatsiko ya 11&12.
- Bahe umwanya bakore umwitozo mu gihe cy'iminota mirongo ine (40)
- Saba buri tsinda kwitoramo ubahagararira mu kugaragaza ibyagezweho

- Shimira buri tsinda usabe n’abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Uganira buri tsinda ushimangira, ubuzuza, wifashishije ibikubiye mu butumwa bw’ingenzi bujyana n’insanganyamatsiko bakozeho.

Umwitozo wa 2: Kwitoza gutegura no kuyobora abana mu gikorwa cy’ibidukikije:

- Saba abahugurwa kugaruka muri ya matsinda batangiriyemo,
- Saba buri tsinda guhitamo imwe mu nsanganyamatsiko muzo bakozeho umwitozo mbere, bongere basome ibikorwa by’abana mu cyumweru cya mbere cy’ukwezi iyo nsanganyamatsiko iteguyeho.
- Saba buri tsinda gutegura imfashanyigisho/ibikoresho nkenerwa mu kuyobora abana mu bikorwa bikangura ubwonko hashingiwe kuri iyo nsanganyamatsiko nk’uko biteguye mu nyoborabarezi wabahaye.
- Basabe kwitoranyamo ujya mu mwanya w’umurezi, abasigaye bajye mu mwanya w’abana bato, bakore umwitozo ngiro wo kuyobora abana mu bikorwa bikangura ubwonko hifashishijwe iyo nsanganyamatsiko bahisemo.
- Saba buri tsinda kugaragariza abandi ibyo bateguriye mu tsinda imbere y’abandi.
- Shimira buri tsinda, usabe abarigize kuvuga ibyo bumva bishimira ko bakoze neza n’ibyo gukosora.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda kugaragaza ibyo babona byakozwe neza n’ibyakosorwa.
- Uganira buri tsinda ushimangira ibyakozwe neza, wuzuza kandi ukosora ibyo batakoze neza.



4.4. Ubutumwa bw’ingenzi uhugurwa asigarana



UBUMENYI BW’IBIDUKIKIJE	
Amezi	Ubumenyi/ubushobozi bw’umwana yunguka
Ubumenyi rusange mu bidukikije	<ul style="list-style-type: none"> • Kugaragaza ko yiyizi nk’umuntu mu muryango • Gufata umubiriwe neza • Gutandukanya ibimera, ibisimba, ibidukikije kamere na karemano • Gusobanukirwa ibikorwa aho atuye n’akamaro kabyo • Gutandukanya ibihe by’umunsi, ikirere n’imyitwarire ikwiye ijyanye n’ikirere

Ukwezi 1	Kuvuga umwirondoro w’umwana: amazina ye, imyaka ye, amazina y’ababyeyi cyangwa abamurera, igitsina cye, n’ubwenegihugu bwe.
Ukwezi 2	Kwerekana no kuvuga ibice by’ingenzi bigize umubiri w’umuntu byose n’akamaro kabyo, hamwe n’ibituma twumva (ibyumviro).
Ukwezi 3	Gukoresha amagambo aranga amasano y’abantu mu muryango muto (papa, mama, mu rumuna na mukuru wanjye, mushiki na musaza wanjye) n’aranga amasano mu muryango mugari (sogokuru na nyogokuru)
Ukwezi 4	Gutandukanya ibice bigize urugo (ku irembo, imbuga no mu gikari), ibigize inzu, n’akamaro kabyo; ibinyobwa n’ibiribwa bikomoka ku bimera n’ibikomoka ku matungo; indyo yuzuye n’akamaro kayo
Ukwezi 5	Amazi akamaro kayo no kuyakoresha neza; Ibihe by’ikirere n’ibibiranga no guhitamo imyambaro bakurikije ibihe by’ikirere
Ukwezi 6	Amatungo aboneka aho batuye n’akamaro kayo Inyamaswa zo mu gasozi n’akamaro kazo
Ukwezi 7	Ibimera biboneka iwacu, ibice byabyo, akamaro n’ ibyo ibimera bikenera kugira ngo bikure neza
Ukwezi 8	Ibigo n’imirimo ikorerwa aho abana batuye, abayikora, n’ibikoresho tuhasanga : ku nsengeru, aho bahahira (mu iduka), mu ivuriro
Ukwezi 9	Ibitanga urumuri karemere n’ ibitanga urumuri byakozwe n’abantu, akamaro kabyo mu buzima bwacu n’impanuka bishobora gutera.
Ukwezi 10	Ibitwara abantu n’ibintu: ku butaka no kwirinda impanuka, ibitwara abantu n’ibintu mu kirere no mu mazi. Kwirinda impanuka zo mu muhanda.
Ukwezi 11	Uburyo bw’itumanaho buboneka aho batuye: telefoni
Ukwezi 12	Iminsi mikuru iranga umwaka n’ibiyiranga: ubukwe, isabukuru y’amavuko, kwita umwana izina, ishingiyeye ku myemerere



4.5. Igikorwa cy’isuzuma

Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Vuga ubumeneyi n’ubushobozi umwana yungukira mu bikorwa bya **“Tumenye ibidukikije”**.
2. Tegura kandi uyobore abana mubikorwa bya **“Tumenye ibidukikije”** ukwezi kwa mbere (1), icyumweru cya mbere (1).

Icyitonderwa: Uhugura ashobora guhitamo ukundi kwezi cyangwa ikindi cyumweru.

IKIGANIRO CYA GATANU: KUYOBORA ABANA MU BIKORWA BITEZA

IMBERE IMIBARE



5.1. Intego z' ikiganiro



Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura ubumenyi bw'ibanze bugenewe abana b'incuke mu bikorwa biteza imbere imibare.
- Gutegura no kuyobora abana mu buryo budaheza, mu bikorwa biteza imbere imibare.
 - Kuyobora abana mu bikorwa byo kubara ibintu kuva kuri kimwe (1) kugeza ku icumi (10);
 - Kuyobora abana mu gikorwa cyo gukora ibirundo hashingiwe ku mabara n'umumaro w'ibintu;
 - Kuyobora abana mu bikorwa byo kubaka imibare kuva kuri rimwe (1) kugeza ku icumi (10) hifashishijwe ibintu bifatika nk'uduti, utubuye n'ibindi;
 - Kuyobora abana mu bikorwa byo kwandika imibare kuva kuri rimwe (1) kugeza ku icumi (10) bakoresheje ikaramu y'igiti (ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru)
 - Kuyobora abana mu bikorwa byo kugereranya: ibintu bigufi n'ibirebire; ibintu binini n'ibito;
 - Kuyobora abana mu bikorwa byo gutondeka ibintu uherye ku kintu kijyamo ibintu bike, no gutondeka uherye ku kintu kijyamo ibintu byinshi, gutondeka ibintu uherye ku kigufi cyane ujya ku kirekire cyane, unaherye ku kirekire cyane ujya ku kigufi cyane, gutondeka ibintu 3 uherye ku kintu kiremereye buhoro, nanone uherye ku kintu kiremereye cyane;
 - Kuyobora abana mu bikorwa byo gukoresha indangahantu: Imbere n'inyuma, mu no hanze, ku no muni, hejuru no hasi, lburyo n'ibumoso, Hafi na Kure;
 - Kuyobora abana mu bikorwa byo gutandukanya amafaranga n'ibindi bintu, no gutandukanya ibiceri: F10, Frw 20, Frw 50 Frw100.
 - Kuyobora abana mu bikorwa byo kuvuga igikorwa n'igihe gikorera
 - Kuyobora abana mu bikorwa byo kubaka mpandeshatu, mpandenye, uruziga akoresheje ibintu binyuranye
 - Kuyobora abana mu bikorwa byo gushushanya mpandeshatu, mpandenye, uruziga bakoresheje ikaramu y'igiti (ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru)

- Kuyobora abana mu bikorwa bijyanye no gukoresha imvugo ijyanye n’igihe: ejo hashize, none, ejo hazaza,
- Kuyobora abana mu bikorwa bijyanye n’minsi y’icyumweru n’indamukanyo ijyanye n’igihe cy’umunsi
- Kuyobora abana mu bikorwa bijyanye no guteranya no gukuramo ibintu bifatika bitarenze 10.

5.2. Imfashanyigisho n’igihe ikiganiro kizamara

- **Imfashanyigisho:** Amashusho, ibintu by’amabara atandukanye, utubuye duto, uduzi, ibitabo birimo amashusho n’amabara, ikaramu y’igiti, impapuro n’amakayi n’ibindi biri mu nyoborabarezi igenewe abarezi bo mu Rugo Mbenezamukire y’Abana Bato rukorera mu muryango.
- **Igihe ikiganiro kizamara:** 1h:30min

5.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro

i) Uburyo: Ibikorwa mu matsinda, indirimbo, imikino, umuvugho no kwitegereza.

ii) Ibikorwa by’uhugura n’uhugurwa:

Umwitozo wa 1: Gutahura no kwitoza kuyobora abana mu bikorwa by’imibare:

- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n’abantu batandatu (6) kugeza ku munani (8).
- Saba buri tsinda kongera gufata ya nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukire y’Abana Bato rukorera mu muryango: **“Twitegure ishuri”**
- Gabanya amatsinda ibikorwa biteganyijwe ku isaha ya **“Nkunda imibare”** mu ngengabihe y’umunsi uko bikurikirana mu mezi cumi n’abiri (12) ajyanye n’insanganyamatsiko cumi n’ebiri (12) nkuko twazibonye mu bikorwa by’ **“Ibidukikije”**; uhaye ku bikorwa byo ku isaha ya **“Nkunda imibare”** mu kwezi kwa mbere.
- Bahe umwanya, umwe muri bo uzi gusoma abasomere ibikorwa kandi bakore umwitozo wo kuyobora abana mu bikorwa byo ku isaha ya **“Nkunda imibare”** mu icyumweru n’ukwezi basabwe gukoraho mu gihe cy’iminota makumyabiri (20), bitoramo uba umurezi w’abana bato, abandi basigaye mu itsinda bajye mumwanya w’ abana.
- Saba buri tsinda rize rikorere imbere y’abandi umwitozo wo kuyobora abana mubikorwa by’imibare bateguye.

- Shimira buri tsinda usabe n’abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba itsinda rimaze gukora umwitozo, kuvuga ibyo bumva bishimira ko bakoze neza n’ibikwiye gukosorwa.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda kugaragaza ibyo babona byakozwe neza n’ibikwiye gukosorwa.
- Uganira buri tsinda ushimangira, ubuzuzza, wifashishije ibikubiye mu butumwa bw’ingenzi bujyana n’insanganyamatsiko bakozeho.
- Saba abahugurwa gusubira mu matsinda, wongere ubagabanye ibikorwa biteganyijwe mu nyoborabarezi ku isaha ya **“Nkunda imibare”**, uhereye ku gikorwa gikurikira icyo mwasorejeho; bikorwe nk’uko byakozwe mbere kugeza ibikorwa byose biteganyijwe ku isaha ya **“Nkunda imibare”** birangiye.



5.4. Ubutumwa bw’ingenzi uhugurwa asigarana



Imibare (Nkunda Imibare)	
Ubumenyi rusange mu mibare	<p>Ibara: Gukora ibirundo, kubara kuva kuri 1-10, guteranya no gukuramo ibintu bifatika;</p> <p>Ingero: kugereranya ibintu, igihe, amafaranga;</p> <p>Amerekezo: hejuru, hasi, iburyo. ibumoso, inyuma, imbere, mu no hanze.</p> <p>Amashushongerero: mpandeshatu na mpandenye, Uruhererekane rw’ibintu</p>
Amezi	Ibikorwa
Ukwezi 1	Kubara akurikiranya imibare; gutahura ibintu bifite ibara ry’umutuku ni ry’umuhondo; gukora ibirundo ushingiyeye ku mabara (umutuku, umuhondo); kubaka umubare 1 hifashishijwe ibintu bifatika.
Ukwezi 2	Kubara ibintu 2 akurikiranya imibare; gutahura no gukora ibirundo ushingiyeye ku mabara (ubururu, icyatsi kibisi), gutahura no gukora ibirundo by’ibintu bifite ibara ry’umukara, umweru n’ubururu, icyatsi kibisi, umukara n’umweru, kubaka umubare 2 yifashishije ibintu bifatika.
Ukwezi 3	Gukora ibirundo ushingiyeye ku mabara (umutuku, umuhondo, ubururu, iroza, umweru, umukara); kubara, kubaka umubare 3, gukoresha indamukanyo ijyanye n’igihe cy’umunsi ; kugereranya ibintu bigufi n’ibirebire
Ukwezi 4	Kugereranya ikinini n’igito, gutondeka ibintu: ibinini n’ibito, gutahura ibintu bifite ibara ry’iroza na oranje, gukora ibirundo ushingiyeye ku mabara,

	kubara ibintu ibintu 4, kubaka umubare 4 yifashishije ibintu bifatika: uduti, utubuye.
Ukwezi 5	Gutondeka ibintu uherye ku kintu kijyamo ibintu bike, gutondeka uherye ku kintu kijyamo ibintu byinshi, gukoresha indangahantu: Imbere, inyuma; kubara umubare 5 wifashishije ibintu bifatika; kubaka umubare 5 ukoresheje utubuye no kwandika umubare 1 hakoreshejwe ikaramu y'igiti ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru. Kubaka mpandenye akoresheje ibintu binyuranye no gushushanya mpandenye ukoresheje ikaramu y'igiti.
Ukwezi 6	Kuvuga igikorwa n'igihe gikorwa, kubaka mpandeshatu akoresheje ibintu binyuranye, gushushanya mpandeshatu; gutondeka ibintu uherye ku kigufi cyane ujya ku kirekire cyane n'ikirekire cyane ujya ku kigufi cyane; gukoresha indangahantu: ku, munsu; kwandika imibare 2 na 3 hakoreshejwe ikaramu y'igiti ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru.
Ukwezi 7	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga umuvugo urimo imibare" Nkunda kubara" - Gukoresha imvugo ijanye n'igihe: ejo hashize, none, ejo hazaza - Kubara inkuru irimo imvugo zijyanye n'igihe: ejo hashize, none, ejo hazaza - Gutondeka ibintu 3 uherye ku kintu kiremereye buhoro; - Gutondeka uherye ku kintu kiremereye cyane; - Kubara ibintu 4 n'ibintu 5, kubaka no kubumba umubare 4 na 5 hifashishijwe ibintu bifatika, no kwandika imibare 4 na 5 akoresheje ikaramu y'igiti ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru.
Ukwezi 8	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha indangahantu: mu na hanze - Gutandukanya amafaranga n'ibindi bintu - Gukora ibirundo ushingiyeye ku mumaro w'ibintu - Kubara ibintu 6 n'ibintu 7, kubaka no kubumba umubare 6 na 7 yifashishije ibintu bifatika no kwandika umubare 6 na 7 akoresheje ikaramu y'igiti ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru.
Ukwezi 9	<ul style="list-style-type: none"> - Gutondeka uherye ku kintu kijyamo ibintu bike cyane - Gutondeka uherye ku kintu kijyamo ibintu byinshi - Iminsi y'icyumweru - Gutahura igikorwa kijyanye n'umunsi w'icyumweru - Gukoresha indangahantu: hejuru no hasi - Kubara ibintu umunani, kubaka umubare 8 yifashishije ibintu bifatika no kwandika umubare 8 akoresheje ikaramu y'igiti ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru.
Ukwezi 10	- Gutahura uko ibintu bikurikirana mu ruhererekane rworoheje

	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha indangahantu: Iburyo n'ibumoso - Kubaka uruziga akoresheje ibintu binyuranye; gushushanya uruziga. - Kubara ibintu icyenda, kubaka umubare 9 yifashishije ibintu bifatika, no kwandika umubare 9 akoresheje ikaramu y'igiti ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru.
Ukwezi 11	<ul style="list-style-type: none"> - Kubara ibintu 10, kubaka umubare 10 yifashishije ibintu bifatika, no kwandika umubare 10 akoresheje ikaramu y'igiti ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru - Kuririmba indirimbo yo kubara imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10: Mubare 1 uri hehe? - Gukina umukino berekana amakarita y'imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10 bakurikije umubare baririmbye: Mubare ... uri hehe? - Gukoresha indangahantu : Hafi na Kure
Ukwezi 12	<ul style="list-style-type: none"> - Guteranya ibintu bifatika bitarenze 10 - Gukuramo ibintu bifatika bitarenze 10 - Gukina umukino w'umuguzi n'umucuruzi bifashishije amafaranga y'u Rwanda : Ibiceri : Frw 10, Frw 20, Frw 50 Frw100



5.5. Igikorwa cy'isuzuma

Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Vuga ubumenyi n'ubushobozi umwana yungukira mu bikorwa bya **"Nkunda imibare"**.
2. Tegura kandi uyobore abana mu bikorwa bya **"Nkunda imibare"** ukwezi kwa kabiri (2), icyumweru cya kabiri (2).

Icyitonderwa: Uhugura ashobora guhitamo ukundi kwezi cyangwa ikindi cyumweru.

IKIGANIRO CYA GATANDATU: KUYOBORA ABANA MU BIKORWA BITEZA IMBERE URURIMI

6.1. Intego z'ikiganiro

Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura ubumenyi bw'ibanze bugenewe abana b'incuke mu rurimi rw'Ikinyarwanda,
- Gutegura no kuyobora abana mu buryo budaheza, mu bikorwa bituma umwana ashobora:
 - Guca imirongo ihagaze, itambitse, iberamyeye, ihese, itambitse, n'ufunze(uruziga)
 - Kuvuga itonde ry' inyuguti binyuze mu ndirimbo
 - Gutahura ijwi: A, B, C, D, E, F, G, H, I, J, K, L, M, N, O, P, R, S, T, U, V, W, Y na Z.
 - Kubaka no kubumba inyuguti akoresheje ibikoresho biboneka aho umwana atuye
 - Guhuza inyuguti ntoya n' inkuru akoresheje amakarita y' inyuguti
 - Kubaka izina rye akoresheje amakarita y' inyuguti
 - Gutandukanya inyuguti binyuze mu mikino
 - Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru; kuvuga inkuru muri make; gusakuza, guca imigani, no kuvuga imivugo.
 - Kwandika inyuguti nkuru n'into hakoreshejwe ikaramu y'igiti ku bana bafite imyaka 5 ku jya hejuru.

6.2. Imfashanyigisho n'igihe ikiganiro kizamara

- **Imfashanyigisho:** Amashusho, imigani, n'ibisakuzo biri mu nyoborabarezi igenewe abarezi bo mu Rugo Mbenezamukire y'Abana Bato rukorera mu muryango, utubuye duto, uduzi, ibitabo birimo amashusho y'inyuguti, amakarita y'inyuguti, ibumba n'umucanga, ikaramu y'igiti, impapuro n'amakayi.
- **Igihe ikiganiro kizamara:** 1h30min



6.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro



i) **Uburyo:** ibikorwa mu matsinda, indirimbo, imikino, inkuru, imivugo, imigani n'ibisakuzo

ii) **Ibikorwa by'uhugura n'uhugurwa:**

Umwitozo wa 1: Gutahura no kwitoza kuyobora abana mu bikorwa by'ururimi rw'Ikinyarwanda:

- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu batandatu (6) kugeza ku munani (8),
- Saba buri tsinda kongera gufata ya nyoborabarezi mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango
- Gabanya amatsinda ibikorwa biteganyijwe ku isaha ya **"Tunoze Ikinyarwanda"** na **"Muze dusome/duce imigani/dusakuze"** mu ngengabihe y'umunsi uko bikurikirana mu mezi cumi n'abiri (12) ajyanye n'insanganyamatsiko cumi n'ebyiri (12) nkuko twazibonye mu bikorwa by' **"Ibidukikije"**; uhereye ku bikorwa byo ku isaha ya **"Tunoze Ikinyarwanda"** na **"Muze dusome/duce imigani/dusakuze"** mu kwezi kwa mbere.
- Bahe umwanya, umwe muri bo uzi gusoma abasomere ibikorwa kandi bakore umwitozo wo kuyobora abana mu bikorwa byo ku isaha ya **"Tunoze Ikinyarwanda"** na **"Muze dusome/duce imigani/dusakuze"** ku isaha, mu icyumweru n'ukwezi basabwe gukoraho mu gihe cy'iminota makumyabiri (20), bitoramo uba umurezi w'abana bato, abandi basigaye mu itsinda bajye m' umwanya w' abana.
- Saba buri tsinda rize rikorere imbere y'abandi umwitozo wo kuyobora abana mubikorwa bya **"Tunoze Ikinyarwanda"** cyangwa **"Muze dusome/duce imigani/dusakuze"** bateguye.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba itsinda rimaze gukora umwitozo, kuvuga ibyo bumva bishimira ko bakoze neza n' ibikwiye gukosorwa.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda kugaragaza ibyo babona byakozwe neza n' ibikwiye gukosorwa.
- Unganira buri tsinda ushimangira, ubuzuza, wifashishije ibikubiye mu butumwa bw'ingenzi bujyana n'igikorwa cy'indimi bakozeho.

- Saba abahugurwa gusubira mu matsinda, wongere ubagabanye ibikorwa biteganyijwe mu nyoborabarezi ku isaha ya **“Tunozwe Ikinyarwanda”** na **“Muze dusome/duce imigani/dusakuze”**, uhereye ku gikorwa gikurikira icyo mwasorejeho; bikorwe nk’uko byakozwe mbere kugeza ibikorwa byose biteganyijwe ku isaha ya **“Tunozwe Ikinyarwanda”** na **“Muze dusome/duce imigani/dusakuze”** birangiye.



6.4. Ubutumwa bw’ingenzi uhugurwa asigarana



Ururimi rw’Ikinyarwanda		
Ubumenyi rusange mu rurimi rw’Ikinyarwanda	Ubumenyi bw’ibanze mu rurimi: Kunguka amagambo amagambo mashya ajyanye n’insanganyamatsiko, kunoza imvugo, gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru, guca imigani, kuvuga imivugo no gusakuza; imirongo (ihagaze, itambitse, iberamye, ihese, itambitse, n’ufunze); gutahura ijwi ry’inyuguti, kubaka inyuguti nkuru hifashishijwe ibikoresho biboneka aho umwana atuye nk’uduti twateguwe hirindwa kwangiza ibidukikije (Urugero gukoresha uduti twavuye ku biti by’ishyamba ryasaruwe) no kuzibumba, kwandika: imisharabiko, kwandika inyuguti ninini n’ into hifashishijwe ikaramu y’igiti mu ikayi, no mu mucanga, no kwandika utudomo.	
Amezi	Tunozwe Ikinyarwanda	Muze dusome duce imigani, dusakuze
Ukwezi 1	Kubaka no kubumba imirongo: uhagaze, utambitse, uberamiye ibumoso, uberamiye iburyo	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Shema kwa Nyirakuru.
Ukwezi 2	Kubaka no kubumba imirongo ihese: uheteye ibumoso, uhete ye iburyo, heteye hejuru n’uhete ye hasi.	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Ni nyje ufite akamaro.
Ukwezi 3	Gutahura ijwi, kubaka no kubumba inyuguti nkuru: A, B, C, D	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Gatesi na Gatete kwa nyirakuru
Ukwezi 4	Gutahura ijwi, kubaka no kubumba inyuguti nkuru: E, F, G, H	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Kamikazi yaretse

		kuvangura ibiryo.
	<ul style="list-style-type: none"> Kubaka inyuguti nkuru zizwe mu mezi ane abanza: A, B, C, D, E, F, G, H (abana bafite hasi y'imyaka 5) Kwandika inyuguti nkuru zizwe mu mezi ane abanza: A, B, C, D E, F, G, H (abana bafite imyaka 5 kujyana hejuru) 	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Amatsiko ya Teta
Ukwezi 6	<ul style="list-style-type: none"> Gutahura ijwi, kubaka no kubumba inyuguti nkuru: I, J, K, L, Kwandika inyuguti nkuru ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru : I, J, K, L 	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Shema yungutse ubumenyi ku nyamaswa.
Ukwezi 7	<ul style="list-style-type: none"> Gutahura ijwi, kubaka no kwandika inyuguti nkuru: M, N, O, P Kwandika inyuguti nkuru ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru: M, N, O, P 	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Teta yibutse ibyo yize.
Ukwezi 8	<ul style="list-style-type: none"> Gutahura ijwi, kubaka no kwandika inyuguti nkuru: R, S, T, U, V, W, Y, Z. Kwandika inyuguti nkuru ku bana bafite imyaka 5 kujyana hejuru: R, S, T, U, V, W, Y, Z. 	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Shema na Sheja.
Ukwezi 9	<ul style="list-style-type: none"> Guhuza inyuguti nto n'inkuru bakoresheje amakarita y'inyuguti: a-A, b-B, c - C, d - D, e - E, f – F, g – G, h-H Kwandika inyuguti nto bakoresheje ikaramu y'igiti: a, b, c, d, e, f, g, h – Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye 	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku mugani: Zuba, Nyenyeri na Kwezi.
Ukwezi 10	<ul style="list-style-type: none"> Guhuza inyuguti nto n'inkuru bakoresheje amakarita y'inyuguti: i-l, j -J, k - K, l - L, m - M, n – N, o – O, p-P Kwandika inyuguti nto bakoresheje ikaramu y'igiti: l, j, k, l, m, n, o, p Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye. 	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Mbega urugendo rushimishije!

Ukwezi 11	<ul style="list-style-type: none"> - Guhuza inyuguti nto n'inkuru bakoresheje amakarita y'inyuguti: r-R, s-S, t-T, u-U, v-V, w-W, y-Y, z-Z. - Kwandika inyuguti nto bakoresheje ikaramu y'igiti: r, s, t, u, v, w, y, z. - Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye 	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Telefoni ni nziza.
Ukwezi 12	<ul style="list-style-type: none"> - Gukina umukino wo guhuza inyuguti ntoya n'inkuru akoresheje amakarita y'inyuguti. - Gukina umukino wo gutondeka amakarita ugakora izina. 	Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Tujye guhaha iby'umunsi mukuru



6.5. Igikorwa cy'isuzuma



Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Vuga ubumeneyi n'ubushobozi umwana yungukira mu bikorwa bya **“Tunoze Ikinyarwanda”** na **“Muze dusome/duce imigani/dusakuze”**.
2. Tegura kandi uyobore abana mu bikorwa bya **“Tunoze Ikinyarwanda”** na **“Muze dusome/duce imigani/dusakuze”** mu kwezi kwa gatatu (3), icyumweru cya gatatu (3),

Icyitonderwa: Uhugura ashobora guhitamo ukundi kwezi cyangwa ikindi cyumweru.

IKIGANIRO CYA KARINDWI: KUYOBORA ABANA MU BIKORWA BIBATOZA KWITA KU BUZIMA/IBONEZABUZIMA



7.1. Intego z'ikiganiro



Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura ubumenyi bw'ibanze bugenewe abana b'incuke mu ibonezabuzima,
- Gutegura no kuyobora abana mu buryo budaheza, mu bikorwa bituma umwana ashobora:
 - Gukoresha neza ubwiherero butandukanye.
 - Gukaraba neza intoki, mu maso, no kwiyogereza amenyo.
 - Kuvuga uko yiyumva mu mubiri; ibyo akeneye n'ibimubangamiye birebana n'imirire n'ibindi bigamije ubuzima bwiza.
 - Kwiyambika no kwiyambura imyenda n'inkweto.
 - Kwita ku isuku yo mu Rugo Mbenezamukurire ndetse n'iwabo mu rugo.
 - Kwita ku isuku hibandwa ku kwirinda kwandika no gusiga ibyondo ku nkuta cyangwa ku myenda yabo.
 - Kuvuga ibigize indyo yuzuye, akamaro kayo n'ingaruka zo kutarya indyo yuzuye.
 - Gufata neza ibihingwa n'amatungo.
 - Kugaragaza no kugenderakure inyamaswa n'ibimera byateza ibyago.
 - Kuvuga zimwe mu ndwara zandura n'uburyo bwo kuzirinda.



7.2. Imfashanyigisho n'igihe ikiganiro kizamara



- **Imfashanyigisho zifatika:** Umupira wo gukina, umugozi wo gusimbuka, imishumi y'inkweto, amazi, uburoso bw'amenyo, igikombe, ibasi; ibimera; amatungo; amashusho n'ibitabo bivuga ku buzima.
- **Igihe ikiganiro kizamara :**1h30min



7.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro



Uburyo: ibikorwa mu matsinda, indirimbo, imivugo, n' imikino; ingendoshuri; imyitozongiro no kwitegereza.

Umwitoto wa mbere: Gutahura no kwitoza kuyobora abana mu bikorwa byo kwita k'ubuzima

- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu batandatu (6) kugeza ku munani (8).
- Saba buri tsinda kongera gufata ya nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango.
- Gabanya amatsinda ibikorwa biteganyijwe ku isaha ya **"Twite kubuzima"** mu ngengabihe y'umunsi uko bikurikirana mu mezi cumi n'abiri (12) ajoyanye n'insanganyamatsiko cumi n'ebiri (12) nkuko twazibonye mu bikorwa by' **"Ibidukikije"**; uhereye ku bikorwa byo ku isaha ya **"Twite ku buzima"** mu kwezi kwa mbere.
- Bahe umwanya, umwe muri bo uzi gusoma abasomere ibikorwa kandi bakore umwitoto wo kuyobora abana mu bikorwa byo ku isaha ya **"Twite kubuzima"** mu cyumweru n'ukwezi basabwe gukoraho mu gihe cy'iminota makumyabiri (20), bitoramo uba umurezi w'abana bato, abandi basigaye mu itsinda bajye mu mwanya w' abana.
- Saba buri tsinda rize rikorere imbere y'abandi umwitoto wo kuyobora abana mubikorwa by'imibare bateguye.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba itsinda rimaze gukora umwitoto, kuvuga ibyo bumva bishimira ko bakoze neza n'ibikwiye gukosorwa.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda kugaragaza ibyo babona byakozwe neza n'ibikwiye gukosorwa.
- Unganira buri tsinda ushimangira, ubuzuzura, wifashishije ibikubiye mu butumwa bw'ingenzi bujyana n'insanganyamatsiko bakozeho.
- Saba abahugurwa gusubira mu matsinda, wongere ubagabanye ibikorwa biteganyijwe mu nyoborabarezi ku isaha ya **"Twite kubuzima"**, uhereye ku gikorwa gikurikirana icyo mwasorejeho; bikorwe nk'uko byakozwe mbere kugeza ibikorwa byose biteganyijwe ku isaha ya **"Twite kubuzima"** birangiye.



7.4. Ubutumwa bw' ingenzi uhugurwa asigarana



IBIKORWA BYO KWITA KU BUZIMA (IBONEZABUZIMA: DUKINIRE HANZE & TWITE KU BUZIMA BWACU)	
Ubumenyi rusange bukubiye mu bikorwa byo kwita ku buzima	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora imyitozo itandukanye iteza imbere ingingo nini ahuza imiyego, - Gukora imyitozo itandukanye iteza imbere ingingo nto afata ibintu n' ibikoresho uko bikwiye. - Kwikorera isuku y'ibanze we ubwe ntawe umufashije. - Kugaragaza ko yumva ko akwiye kurya ibiribwa byiza, bizima, bifite isuku, birimo intungamubiri zinyuranye. - Kwerekana ko asobanukiwe n'indwara zikunze kwibasira abana aho atuye, uko zandura n'imyitwarire yo kwirinda bene izo ndwara no kwirinda ibintu byose byahungabanya ubuzima bwe.
Amezi	Ibikorwa
Ukwezi 1	<ul style="list-style-type: none"> - Kumenyereza abana kujya ku bwihereho no kubukoresha neza. - Gukaraba intoki, gutoza abana isuku. - Toza abana kuvuga uko biyumva. - Kumenyereza abana kujya ku bwihereho no kubukoresha neza.
Ukwezi 2	<ul style="list-style-type: none"> - Kumenyereza abana kujya ku bwihereho no kubukoresha neza. - Gutoza abana isuku y'ibice by'umubiri no kubifata neza. - Gukora umwitozo wo kwiyambika no kwiyambura umupira w'imbeho. - Kuvuga umuvugho : Nita ku mubiri wanjye.
Ukwezi 3	<ul style="list-style-type: none"> - Kumenyereza abana kujya ku bwihereho no kubukoresha neza - Kuvuga umuvugho: Nita ku mubiri wanjye - Gufunga no gufungura imashini n'ibipesu by'imyenda bambaye - Umukoro wo mu rugo: Guhanagura no koza inkweto (Abana bafite imyaka 5-6)
Ukwezi 4	<ul style="list-style-type: none"> - Kwita ku isuku yo mu irerero ndetse n'iwabo mu rugo. - Kwita ku isuku birinda kwandika no gusiga ibyondo ku nkuta cyangwa ku myenda yabo.
Ukwezi 5	<ul style="list-style-type: none"> - Koza ibikombe - Kunywa amazi meza no kunywera mu bikoresho bisukuye

	- Gukina umukino ugaragaza uko abantu bitwara mu gihe icy'imbeho n'icy'izuba. Umukino: Twifubike/Dukuremo imipira
Ukwezi 6	- Kugenda bigana inka, urukwavu n'imbata - Umukino wo gukora isuku - Kugenda bigana igikeri n'inyoni - Gukina umukino wo koga nk' ifi
Ukwezi 7	- Gufata neza ibihingwa: kwirinda kwangiza indabo - Kwirinda ibimera byateza impanuka - Gukina umukino wo gusimbuka umugozi - Kwiruka mu matsinda
Ukwezi 8	- Kwirinda ibintu byabateza impanuka
Ukwezi 9	- Kwirinda impanuka ziterwa n'izuba - Kwirinda impanuka ziterwa n'ibitanga urumuri byakozwe n'abantu
Ukwezi 10	- Ibikorwa by'isuku - Gukina umukino wo gukoresha neza umuhanda
Ukwezi 11	- Kuvuga indwara ziterwa n'umwanda - Kuvuga uburyo bwo kwirinda indwara ziterwa n'umwanda - Kuvuga indwara zandura no kuzirinda
Ukwezi 12	- Gufunga no gufungura imishumi y'inkweto - Gukina umupira



7.5. Isuzuma

Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Vuga ubumenyi n'ubushobozi umwana yungukira mu bikorwa byo kwita ku buzima **(Twite ku buzima)**.
2. Tegura kandi uyobore abana mu bikorwa biteganyijwe mu gihe cya **"Twite kubuzima"** mu kwezi kwa kane (4), icyumweru cya kane (4).

Icyitonderwa: Uhugura ashobora guhitamo ukundi kwezi cyangwa ikindi cyumweru.

IKIGANIRO CYA MUNANI: KUYOBORA ABANA MU BIKORWA BITEZA IMBERE UBUMENYI N'UBUSHOBOZI MU BUGENI N'UMUCO



8.1. Intego z' ikiganiro



Nyuma y' iki kiganiro, uhugurwa araba ashobora:

- Gusobanura ubumenyi bw'ibanze bugenewe abana b'incuke mu bugeni n'umuco,
- Gutegura no kuyobora abana mu buryo budaheza, mu bikorwa bituma umwana ashobora:
 - Gushushanya no gusiga amabara amashusho yihitiyemo cyangwa yahawe ajoyanye n'insanganyamatsiko bagezeho.
 - Kubumba amashusho yoroheje y'ibintu biyanye n'insanganyamatsiko bagezeho.
 - Kuririmba no kubyina indirimbo zivuga ku bintu biyanye n'insanganyamatsiko bagezeho.
 - Gutandukanya amajwi atangwa n'ibikoresho bya muzika n'ibintu bitandukanye biboneka aho batuye no mu bidukikije muri rusange.
 - Kubaka no guteranya ibice by' ibintu binyuranye



8.2. Imfashanyigisho n' igihe ikiganiro kizamara



- **Imfashanyigisho:** Ikaramu y'igiti, ikaramu z'amabara, irangi, uburoso, ibikoresho bikoreshwa mu kubumba: ibumba, igitaka, ibumba rya kizungu (plasticine); Ibikoresho byifashishwa mu gutanga injyana: ingoma, ibinyuguri n'ibindi.
- **Igihe ikiganiro kizamara:** 1h30min



8.3. Uburyo buzifashishwa mu gutanga iki kiganiro



Uburyo: ibikorwa mu matsinda, indirimbo n' imbyino

Umwitozo wa1: Gutahura no kwitoza kuyobora abana mu bikorwa by'ubugeni n'umuco:

- Saba abahugurwa kujya mu matsinda agizwe n'abantu batandatu (6) kugeza ku munani (8).

- Saba buritsinda kongera gufata ya nyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango.
- Gabanya amatsinda ibikorwa biteganyijwe ku isaha ya **"Duhange"** mu ngengabihe y'umunsi uko bikurikirana mu mezi cumi n'abiri (12) ajoyanye n'insanganyamatsiko cumi n'ebiri (12) nkuko twazibonye mu bikorwa by' **"Ibidukikije"**; uhaye ku bikorwa byo ku isaha ya **"Duhange"** mu kwezi kwa mbere.
- Bahe umwanya, umwe muri bo uzi gusoma abasomere ibikorwa kandi bakore umwitozo wo kuyobora abana mu bikorwa byo ku isaha ya **"Duhange"** mu icyumweru n'ukwezi basabwe gukoraho mu gihe cy'iminota makumyabiri (20), bitoramo uba umurezi w'abana bato, abandi basigaye mu itsinda bajye mumwanya w' abana.
- Saba buri tsinda rize rikorere imbere y'abandi umwitozo wo kuyobora abana mubikorwa by'ubugeni n'umuco bateguye.
- Shimira buri tsinda usabe n'abo mu yandi matsinda kubashimira.
- Saba itsinda rimaze gukora umwitozo, kuvuga ibyo bumva bishimira ko bakoze neza n' ibikwiye gukosorwa.
- Saba abahugurwa bari mu yandi matsinda kugaragaza ibyo babona byakozwe neza n' ibikwiye gukosorwa.
- Unganira buri tsinda ushimangira, ubuzuzza, wifashishije ibikubiye mu butumwa bw'ingenzi bujyana n'insanganyamatsiko bakozeho.
- Saba abahugurwa gusubira mu matsinda, wongere ubagabanye ibikorwa biteganyijwe mu nyoborabarezi ku isaha ya **"Duhange"**, uhaye ku gikorwa gikurikira icyo mwasorejeho; bikorwe nk'uko byakozwe mbere kugeza ibikorwa byose biteganyijwe ku isaha ya **"Duhange"** birangiye.

8.4. Ubutumwa bw' ingenzi uhugurwa asigarana

UBUGENI N'UMUCO (DUHANGE)	
Ubumenyi rusange mu bugeni n'umuco	<ul style="list-style-type: none"> • Gushushanya, gusiga amabara no kugaragaza ibitekerezo n'imbamutima bye ku bishushanyo yakoze. • Kubaka amashusho anyuranye • Kubumba amashusho yigana ibikoresho binyuranye abona aho atuye no kuvuga ku gihangano cye. • Gukora ibikoresho n'ibikinisho byo mu bukorikori yifashishije ibikoresho biboneka aho batuye. • Kururimba no kubyina yifashishije ibikoresho bya Muzika akunze kubona aho atuye yifitiye icyizere.
Amezi	Ibikorwa
Ukwezi 1	- Kubumba cyangwa kubaka umurongo uhagaze, utambitse, uberamiye iburyo, uberamiye ibumoso n'umubare 1
Ukwezi 2	- Kubumba cyangwa kubaka umurongo uheteze iburyo, ibumoso, hejuru, hasi n'umubare 2
Ukwezi 3	- Gushushanya umuryango muto - Kubumba cyangwa kubaka umubare 1,2,3
Ukwezi 4	- Kubumba ibikoresho biboneka mu nzu y'iwabo - Gushushanya ibiribwa biboneka aho batuye
Ukwezi 5	- Gushushanya umugezi - Gushushanya ibikoresho bitandukanye bibika amazi cyangwa bikoreshwa mu kunywa amazi: igikombe, icupa, ijerekani - Gushushanya izuba - Kubumba cyangwa kubaka mpandenye - Gushushanya umutaka
Ukwezi 6	- Kubumba amagi y'inkoko, - Gushushanya inkoko, inyoni, ifi, ikiraro n'inka - Kubumba mpandeshatu
Ukwezi 7	- Gushushanya indabo - Gushushanya igiti kiriho amashami, amababi, indabo n'imbutu - Kubumba avoka, icunga

	- Kubumba isuka
Ukwezi 8	- Gushushanya ishuri, isabune, ibinini n'urushinge - Gushushanya isuka
Ukwezi 9	- Gushushanya izuba, ukwezi, inyenyeri, itoroshi, buji, ikibiriti - Kubumba imyambi y'ikibiriti
Ukwezi 10	- Gushushanya imodoka, igare - Gukora igare - Kubumba ubwato
Ukwezi 11	- Gushushanya radiyo, tereviziyo, terefone, - Kuzinga udupapuro bagakora terefone - Kubumba terefone
Ukwezi 12	- Kubanga umupira wo gukina - Kuboha umugozi wo gusimbuka



8.5. Isuzuma

Saba abahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Vuga ubumenyi n'ubushobozi umwana yungukira mu bikorwa bya **"Duhange"**.
2. Tegura kandi uyobore abana mubikorwa bya **"Duhange"** mu kwezi kwa gatanu (5), icyumweru cya gatanu (5).

Icyitonderwa: Uhugura ashobora guhitamo ukundi kwezi cyangwa ikindi cyumweru.

IBITABO BYIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO

1. Kotnik J, Shmis T. Enhancing the Early Childhood Development System in Yakutia (Russia): Meeting the Challenges. CELE Exch. 2011;
2. Ruzibiza A, Dear E, li H. Title of paper Empowering Preschools' Partners in Responsive Parenting Education Skills for Sustaining Early Childhood Development Initiatives in Rwanda: Context, Strategic pathways and Insights.
3. World Bank. Project information document (PID): concept stage report no. PIDC25795. 2018;1–13. Available from: <https://data.worldbank.org/indicator/SI.POV.NAHC?locations=RW>.
4. Republic of Rwanda Ministry of Gender and Family Promotions Minimum Standards and Norms for Early Childhood Development Services in Rwanda. 2016.
5. Early Childhood Development-Basic Concepts MODULE 2 FACILITATOR GUIDE.
6. Neumann MM, Hood M, Neumann DL. The scaffolding of emergent literacy skills in the home environment: A case study. Early Child Educ J. 2009;
7. Evaluation B. Early Childhood Development and Family Services. 2017;(April).
8. Melhuish EC. Early childhood development and education. Early Hum Dev. 1984;9(3):294.
9. Gotsadze T, Karzhaubayeva S. evaluation of Early Child Development and early childhood education in the republic of kazakhstan. 2017.
10. Office of Head Start. The Head Start Child Development and Early Learning Framework: Promoting Positive Outcomes in Early Childhood Programs. Child A Glob J Child Res. 2010;
11. SAF_resources_ecdguidelines.
12. National Association for the Education of Young Children. Learning to read and write: Developmentally appropriate practices for young children. Young Child. 1998;
13. UNICEF. Transforming the Lives of Children in Rwanda: Investing in Family and Community-Centered Services. 2018.
14. Futuru NB. Early Childhood Training Manual for Educators Contents. 2012;1–94.
15. Objectives L, Resources A. Session 1. 3 Child Protection and Early Childhood Development. :1–3.
16. Development I, Development T, Development P, Development MC, Development A, Development A. Understanding human development.
17. Ed BES, Pradesh M, Open B. Bachelor of Special Education. (Secp 01).
18. PRE PRIMARY NEW REB CURRICULUM-CBC.
19. Module 1 Facilitator' S Guide Understanding Early Childhood Development. 2009;1–2.
20. Unicef. INTEGRATED ECD. 2019. 1–28 p.
21. World Health Organization. Early Childhood: Development and Disability. PsycCRITIQUES [Internet]. 2012;33(8):269. Available from: <http://content.apa.org/reviews/025945>
22. Guide T. Early Childhood Development. 2014;

23. Objectives L. Session 1 . 1 A Rights Perspective on Early Childhood Development.
24. Objectives L. Session 1 . 5 Birth Registration as a Support for Early Childhood Development. 1.
25. Education U, Handbook K. Early Childhood Development Kit Guidance.
26. Session 1 . 6 The Life Cycle Approach to Early Childhood Development. :20.
27. EARLY_CHILDHOOD_DEVELOPMENT_POLICY_2016.OG.pdf.
28. Objectives L. Session 1 . 7 Areas of Cooperation to Support Early Childhood Development. :2–5.
29. Importance of early childhood development. 2011;(March).
30. Health I, Learning E. Session 1 . 2 The MTSP and the Importance of Early Childhood Development in the Achievement of Key Results. 2009;2–4.
31. OECD. Encouraging Quality in Early Childhood Education and Care (ECEC). Research brief: parental and community engagement matters. 2010;16. Available from: <http://www.oecd.org/education/school/49322478.pdf>
32. van der Waerden P. Module 1 Dsp Notebook Introduction To Developmental. Notebook, D S P [Internet]. 2013;438. Available from: <http://www.dhs.state.il.us/page.aspx?item=50759>
33. DE MOOR JMH, VAN WAESBERGHE BTM, HOSMAN JBL, JAEKEN D, MIEDEMA S. Early intervention for children with developmental disabilities. *Int J Rehabil Res.* 1993;16(1):23–32.
34. Board E. Advance Copy. *Anthropol News.* 1994;35(8):10–10.
35. EENEE_AR32_Benefits of early childhood education and care and the conditions for obtaining them.
36. Choi S-H. Cross-sectoral co-ordination in early childhood: some lessons to learn. *UNESCO Policy Briefs Early Child.* 2003;(9):0–1.
37. Kaur K, Kaur K. How to use this resource? In: *Short Wordless Picture Books.* 2020. p. 3–
38. Version R. *WORKING IN EARLY CHILDHOOD BOOK 1.* 2017;
39. de Onis M. *Child Growth and Development. Nutrition and Health in a Developing World.* 2017. p. 119– 41.
40. Children C on the S of. *Child Development and Early Learning: A Foundation for Professional Knowledge and Competencies.* *Natl Acad Sci Eng Med.* 2015;
41. *Pre-primary_Teachers_guide-CBC.*
42. Janta B, van Belle J, Stewart K. Quality and impact of Centre-based Early Childhood Education and Care. *Qual impact Centre-based Early Child Educ Care.* 2016;
43. European Commission. Proposal for Key Principles of a Quality Framework for Early Childhood Education and Care. Report of the Working Group on Early Childhood Education and Care under the auspices of the European Commission. 2014;71. Available from: http://ec.europa.eu/education/policy/strategic-framework/archive/documents/ecec-qualityframework_en.pdf
44. NEPS. *Children with Language Difficulties in Primary School- Teacher Guidelines & Strategies for InClass Support.* 2015;1–14. Available from: <https://www.education.ie/en/SchoolsColleges/Services/National-Educational->

- Psychological-Service-NEPS-/NEPS-Guides/LanguageSkills/Language-Difficulties-Guidance-for-Teachers-and-Strategies-for-In-Class-Support-Primary.pdf
45. UNICEF. First 1000 days. The Critical window to ensure that children survive and thrive. 2017;(May):3. Available from:
https://www.unicef.org/southafrica/SAF_brief_1000days.pdf
 46. Objectives L, Resources A. Session 1. 4 The Right of Young Children to a Safe and Healthy Environment.
 47. Lam C. 亞洲輔導學報 » Parent Education: Revision and Vision. Asian J Couns 2003, Vol10 No2 [Internet]. 2004;10(2):147–68. Available from:
http://hkier.fed.cuhk.edu.hk/journal/?page_id=2112
 48. Curriculum T, Council D. Guide to the Pre-primary Curriculum. 2006;
 49. NECDA - National Parenting Curriculum
 50. Hesperian Health Guides. Child development and developmental delay. Disabl Village Child. 2009;292.
 51. Devi L. Child development. An Introduction. Vol. 34, Annual review of neuroscience. 1998. 354
 52. PearsonSchools. 1 Understanding children’ s development. 2015; Available from:
[http://www.pearsonschoolsandfecolleges.co.uk/feandvocational/childcare/btec/btecfirstchildrenscarelearninganddevelop/samples/samplematerial/ucd unit 1.pdf](http://www.pearsonschoolsandfecolleges.co.uk/feandvocational/childcare/btec/btecfirstchildrenscarelearninganddevelop/samples/samplematerial/ucd%20unit%201.pdf)
 53. Integrated Ecd Services Delivery Training Manual.
 54. REB. Ubumenyi bw’ibidukikije: Ngewe n’umuryango wange .2020. (N1)
 55. REB. Ubumenyi bw’ibidukikije: Itumanaho n’uburyo bwo gutwara abantu n’ibintu. 2020 (N1, N2, N3)
 56. REB. Ubumenyi bw’ibidukikije: Ibidukikije kamere n’ibyakozwe n’abantu. 2020 (N1, N2, N3)
 57. REB. Ubumenyi bw’ibidukikije: Ibiribwa, ibinyobwa n’ibimera, 2020 (N1. N2, N3)
 58. REB. Ubumenyi bw’ibidukikije: Amatungo.2020 (N1)
 59. REB. Ubumenyi bw’ibidukikije: Ibigu n’imirimo ikorerwa aho dutuye.2020 (N1. N2, N3)
 60. REB. Ubumenyi bw’ibidukikije: Inyamaswa zo mu gasozi. 2020 (N2)
 61. REB. Ubumenyi bw’ibidukikije: Inyamaswa zo mu mazi.2020 (N3)
 62. REB. Ubumenyi bw’ibidukikije: Ngewe n’umuryango wange .2020. (N2)
 63. REB. Ubumenyi bw’ibidukikije: Ngewe n’umuryango wange .2020. (N2)

URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO

No	Amazina	Aho akorera/ aturuka
1.	Diane Iradukunda	NCDA
2.	Emmanuel Munyampeta	NCDA
3	Isaac Bikorimana	NCDA
4.	Ernest Liyatona	NCDA
5.	Jean Paul Nyandwi	NCDA
6.	Jean Léonard Byiringiro	LODA
7.	Jean de Dieu Nabimana	LODA
8.	Charles Ruzindana	LODA
9.	Georgette Mukadepite	Independent recommended by REB
10	Julienne Mukayirege	REB
11.	Appolinaire Ndayisaba	REB
12.	Sifa Uwera	World Bank
13.	Gerjanne van Ravenhorst	World Bank Consultant
14	Pauline Mukakinyana	Ecole l'Horizon
15.	Faustin Mbarubukeye	Umuhuza
16.	Ildephonse Hitimana	Imbutu Foundation
17	Clément Kabiligi	Imbutu Foundation
18	Anathalie Nyirandagijimana	Imbutu Foundation
19	Jean Bosco Bayingana	Imbutu Foundation
20	Ezechiel Hategekimana	Imbutu Foundation
21.	Jean De Dieu Kayiranga	Imbutu Foundation
22.	Felix Hagenimana	Imbutu Foundation
23.	Jackson Vugayabagabo	Imbutu Foundation
24.	Géraldine Umutesi	Imbutu Foundation
25.	Joseph Imanishimwe	Imbutu Foundation
26.	Polie Appoline	Imbutu Foundation

27.	Agnes Uwimbabazi	Imbuto Foundation
28.	Gratia Uwizeye	Imbuto Foundation
29.	Felicien Harerimana	Imbuto Foundation
30.	Egide Ingabire	Imbuto Foundation
31.	Eloi Rutaganira	Imbuto Foundation
32.	Eugene Safari	Imbuto Foundation
33.	Placidie Mukamana	Imbuto Foundation
34.	Viateur Hategekimana	Imbuto Foundation
35.	Donath Tuyinganyiki	Imbuto Foundation
36.	Annah Kamateneti	Imbuto Foundation
37.	Alphonse Gatera	Imbuto Foundation
38.	Daniella Murekatete	Imbuto Foundation
39.	Martine Umukunzi	Imbuto Foundation
40.	Raissa Giramata	Imbuto Foundation
41.	Rutayisire Chris	Art-Rwanda Ubuhanzi
42.	François Regis Uwemeye Nshuti	Art-Rwanda Ubuhanzi
43.	Nathanael Nkundimana	Art-Rwanda Ubuhanzi

